ISHURI RITO RYA BIBILIYA

AGATABO #4

I& II Abami, I& II Ingoma, Ezira / Nehemiya na Esiteri

Ibitabo by'Abami ba 1 n'Abami ba 2

Igice cya 1

Abami n'Abahanuzi

Tuva mu bitabo bya Samweli, ubu tugeze mu bitabo bya 1 na 2 Abami. Twiga ibi bitabo, wite cyane kuri ibi bintu bibiri: (1) Uko Imana yihanganiye Isirayeli mu gihe barimo kuyitera umugongo ndetse bagwa bava mu byizerwa, na (2) Kwihangana kw'Imana ikorana na bamwe mu bami b'abanyabyaha cyane. Izi nyigisho zizakora nk'amabwiriza akomeye iyo uzamuka inzego kandi umanuka ujya ibwina muri ibi bitabo bw'ubwami by'amateka y'Ababeburayo.

Incamake y'Abami n'Amami

Igitabo cy'Abami ba 1 n'icy'Abami ba 2 bitubwira ubwira ubwami bw'umuntu bwaturutse mu kuba Isirayeli yaranze ko Imana ibabera Umwami. Mu 1 Abami, dusoma ibyerekeye ibyerekeye gucikamo kabiri

k’ubwo bwami. Mu 2 Abami tuhabona ubusobanuro bwo gufatwa kwabo kubi.

Tuzabona imbuzi nyinshi mu bitabo bya Abami, kuko abenshi muri aba bami bari abanyabyaha cyane. Ingaruka abantu bahuye nazo zari mbi cyane, ariko wibuke yuko Imana atari yo yatumye bagerwaho n’izo ngaruka zose. Aba bantu nibo bazitererereje kuko bashakaga ko abo bami, kandi n’abami nabo barebwaga n’ububi bwabo.

Akamaro ndetse n’ubusobanuro bw’ibi bitabo bibiri ni uko; byandika gucikamo kabiri, kugwa, no gutwarwa mu bunyage k’ubwami bubiri bwa Isirayeli na Yuda. Twakwita 1 Abami na 2 Abami “Gukomera no Kugwa k’ubwoko bw’Abaheburayo.” Abami 2 igice cya 17 havuga kujyanwa mu bunyage k’ubwami bwo mumajyaruguru, amoko cumi ya Isirayeli. Batwawe muri Ashuri baziritse, kandi ntabwo tujya twongera kubumva mu byanditswe. Bajya bitwa “amoko ya Isirayeli yazimiye”.

Mu 2 Abami handitse inyagwa ribi cyane ry’ubwami bwo mu majyepfo bwa Yuda bafatwa na Nebukadinezari n’Abanyababuloni. Abanyage batishwe batwawe i Babuloni Yerusalemu imaze gutsindwa. Hashize imyaka irongo irindwi Ubuperesi butsinda Babuloni. Kuro, wari umwami ukomeye w’ubwami bw’Abaperesi yayobowe n’Imana kugira ngo atange itegeko ko buri Muheburayo w’umunyage uba muri Peresi abohowe kugira ngo asubire iwabo muri Isirayeli kugira ngo asane ingoro yabo, umurwa wabo, igihugu cyabo, n’ubuzima bwabo bwangiritse.

Mu mateka, hakurikiraho “ibitabo by’amateka bya nyuma y’ubunyage.” Ezira, Nehemiya, na Esiteri bitubwira kugaruka kwa bamwe mu bwoko bwa Isirayeli bava mu bunyage bw’i Babuloni. Igitabo cya Esiteri kivuga bimwe mu bintu byabereye muri Medi-Peresi mu bwoko bwa Isirayeli bwahisemo kudataha. Niturangiza gusesengura Esiteri,

tuzaba dusoje kwiga ibitabo bw'amateka byo mu Isezerano.

Abahanuzi

Abahanuzi bose banditse Ibitabo by'Abahanuzi byo mu Isezerano rya Kera nabo bazashyirwa mu mateka y'Ibitabo by'Amateka. Tuzabona aba bahanuzi neza nyuma yo gusesengura Ibitabo by'Ibisigo byo mu Isezerano rya Kera.

Noneho se ubwo umuhanuzi ni iki?

Reka umuhanuzi uwo yari we. Ijambo umuhanuzi rivuze "kuvugira Imana." Ni ijambo rigizwe n'amagambo arenze rimwe ari yo "guhagarara imbere", no "kumurika". Ni icyo abahanuzi bakoraga. Abahanuzi babwirizaga ijambo ry'Imana ryanditse (ibitabo bya Mose). Ariko kandi banabonaga n'uguhishurirwa gushya guturutse ku Mana. Icyiyongeye kuri icyo, "barabwirizaga", bamamazaga ijambo ry'Imana. Bivuze ko bari ababwiriza butumwa. Ibindi bihe bavugaga ibizaba mu gihe cy'imbere. Uko kuvuga ibizaba bijya bidutangaza, ariko inshingano nyamukuru y'umuhanuzi kwari ukubwiriza ijambo ry'Imana. Abahanuzi bahagararaga hagati y'ijambo ry'Imana n'ubwoko bw'Imana maze bagatuma ijambo ry'Imana rimurikira ubwoko bw'Imana. Umurimo wabo akenshi wari ugucyaha, kuko abantu bakundaga gutambikira bakava ku Mana, ubwo rero Imana yagombaga kubacyaha ikoresheje abahanuzi bayo bizerwa.

Mu 1 Abami, umuhanuzi mukuru ni Eliya, ariko mu 2 Abami umuhanuzi mukuru akaba uwasimbuye Eliya, ari we Elisa. Nubwo tuziga kuri aba bahanuzi bihagije dusesengura ibitabo by'Abami, ntabwo nshaka ko ubura kumenya bamawe mu bahanuzi bato. Mu 1 Abami 22 uhasanga umwe mu bahanzui nkunda cyane, ari we Mikaya.

Ubwami bumaze kucikamo kabiri, hari ubwo abami bajyaga bahura, n'ubwo kenshi babaga ari abanzi. Wibuke yuko abami bo mu bwami

bwo mu majyaruguru bose bari abanyabyaha cyane kandi bari barateye Imana umugongo. Ubwamo bwo mu majyepfo bwa Yuda bwajyaga bugira umwami mwiza rimwe na rimwe. Nta numwe wari mwiza nka Dawidi, ariko bamwe muri bo bubahaga Imana cyane, nka Hezekiya, Yehoshafati, na Yosiya.

Mu 1 Abami 22, umwami wa Isirayeli, Ahabu, n'umwami wa Yuda, Yehoshafati, barahuye barema inama. Ahabu yari umunyabyaha cyane, ariko Yehoshafati yari uruvange rw'ibyiza n'ibibi. Ni iki barimo gukora bahuye? Bari bafite abuzukuru bamwe kuko abana babo bari barashakanye. Ariko impamvu nyamukuru yatumye bahura ni uko Ahabu yashakaga ko Yehoshafati amufasha mu rugamba yari burwane na Siriya.

Yehoshafati yasubije Ahabu amubwira ko babanza bakagisha inama abahanuzi. Muri icyo gihe, byari umuco uzwi cyane ko babanza bagasuzuma buri kintu bashakaga gukora babaza abahanuzi. Ahabu aravuga ati, "Urashaka abahanuzi? Reka nguhamagarire abahanuzi. Mfite abahanuzi 400- ni abahanuzi ba Bayali na buri kigirwamana gikomeye kindi cyose." Aba bahanuzi b'ibinyoma bose babwiye Ahabu kubikora kandi bamusezeranya intsinzi. Ariko Yehoshafati we yashakaga kumva umuhanuzi w'ukuri w'Imana nyakuri, ariyo Yahweh.

Maze atabishaka, Ahabu aravuga ati, "*Hasigaye undi mugabo twabasha kugisha Uwiteka inama, ariko ndamwanga kuko atampanurira ibyiza, keretse ibibi. Uwo ni Mika mwene Imula*." (8) Maze Ywhoshafati aravuga ati, "Muzane." Maze Ahabu atuma ujya kuzana Mikaya.

Uwatumwe arimo kugaruka ibwami azanye Mikaya, abwira umuhanuzi Mikaya kwemera no guhuza ubuhanuzi bwe n'ubw'abandi bahanuzi. Ariko Mikaya aravuga ati, "*Ndahiye Uwiteka uhoraho, icyo Uwiteka ambwira ni cyo ndi muvuge!*" (14)

Agatabo #4: I Abami- Esiteri

Mikaya agejejwe imbere y'abo bami babiri mu ngoro y'ubwami ya Ahabu aharimo kubera ibirori kandi hari hatatse neza cyane, Ahabu aravuga ati, "*Mikaya, dutabare i Ramoti y'i Galeyadi, cyangwa se turorere*?" Maze Mikaya aravuga ati, "*Ngaho tabara uragira ishya, kandi Uwiteka azahagabiza Umwami*!" Ahabu aratangara maze aramubaza ati, "Mikaya, mbese ubwiye ukuri mu izina ry'Uwiteka?" Maze Mikaya aramusubiza ati, Niba koko ushaka kumenya, "*Nabonye Abisirayeli bose batataniye ku misozi miremire nk'intama zidafite umwungeri*." Maze Ahabu abwira umwami Yehoshafati ati, "*Sinakubwiye ko atari bumpanurire ibyiza keretse ibibi*?" (15-18)

Ariko Ahabu na Yehoshafati bahitamo kujya kurwana n'Abanyasiriya. Ariko Mikaya yari yababwiye yeruye ko bemeye ibinyoma. Yarababwiye ati, "*Nabonye Uwiteka yicaye ku ntebe ye, ingabo zo mu ijuru zose zimuhagaze iburyo n'ibumoso. Uwiteka arabaza ati 'Ni nde uzashukashuka Ahabu ngo atabare agwe i Ramti y'i Galeyadi?' Umwe avuga ibye undi ibye. Nyuma haza umwuka ahagarara imbere y'Uwiteka aravuga ati 'Ni jye uzamushukashuka.' Uwiteka aramubaza ati 'Uzamushukashuka ute?' Na we ati 'Nzagenda mpinduke umwuka w'ibinyoma mu kanwa k'abahanuzi be bose.' Na we aramusubiza ati 'Nuko uzamushukashuke, kandi uzabishobore. Genda ugire utyo.*' (19-22)

Ahabu ategeka ko Mikaya ashyirwa mu nzu y'imbohe akagaburirwa umutsima n'amazi gusa kugeza ubwo azagarukira avuye gutabara. Maze umuhanuzi Mikaya aravuga ati, "*Nuramuka utabarutse amahoro, Uwiteka azaba atavugiye muri jye*." (28) Maze Ahabu na Yehoshafati batera Abanyasiriya. Twibwira ko Mikaya aguye mu nzu y'imbohe arya umutsima n'amazi, kuko Ahabu atigeze atabaruka.

Bari hagati mu rugamba, ubuhanuzi bwa

Mikaya bwarasohoye bwose. Ingabo za Ahabu na Yehoshafati zanyanyagiye ku misozi nk'intama z'imbagwa. Umusirikare w'Umunyasiriya arasa umwambi maze ahamya Ahabu. Ahabu arava maze arapfa, maze ingabo zisubira iwabo zatsinzwe.

Mu bitabo by'abami harimo abahanuzi benshi batazwi. Urugero, mu 1 Abami 13, umuhanuzi utazwi izina yacyashye umwami w'umunyabyaha Yerobowamu. Yerobowamu yatunze ukuboko uwo muhanuzi maze aravuga ati, "Nimumufate!" Ariko ukuboko kwe guhita kunyunyuka bituma adashobora kukugarura! Maze umwami asaba umuhanuzi ngo, "*Inginga Uwiteka Imana yawe, unsabire ukuboko kwanjye gukire*!" Maze umuhanuzi afasha Yerobowamu azana ukubaho kw'Imana mu buzima bw'uyu mwami utubaha Imana binyuze mu gitangaza cyo gukira.

Mu gihe urimo gusoma iby'aba bahanuzi bubahaga Imana, witegereze ko bose bagiraga imbaraga z'Imana bakoreshaga. Iyo bataza gukora ibitangaza by'Imana, aba bahanuzi ntabwo bari bushobore gucyaha aba bami b'abanyabyaha.

Nk'uko nabivuze, Eliya niwe muhanuzi mukuru dusanga mu 1 Abami. Mu 1 Abami 18, Eliya yari mu bihe bye byo kurabagirana. Ubwoko bw'Imana bwo mu bwami bwombi hafi bose bari barateye Imana umugongo, bakurikira ibigirwamana, imana z'abapagani. Hari abahanuzi benshi bahagarariye ibigirwamana. Eliya yahize abahanuzi 450 b'umwamikazi Yezebeli, umugore wa Ahabu. Impande zombie zubatse igicaniro, bashyiraho igitambo, maze bagasenga ngo imana yabo yohereze umuriro utwike igitambo. Imana yari busubirishije umuriro igatwika igitambo, icyo ni cyo cyari bugaragaze ko imana yabo ari yo mana nyakuri.

Hateraniye abantu benshi cyane ku Musozi wa karumeli, abahanuzi b'ibinyoma ba Bayali basenze cyane baranikebagura

baribabaza cyane kugira ngo Bayali ibumve. Nka saa sita z'amanywa, Eliya atangira kubakinira ku mubyimba, agira ati: "*Erega nimuterere hejuru kuko ari imana! Yenda ubu iriyumvira cyangwa hari aho igannye, cyangwa se yazindutse cyangwa irasinziriye, ikwiriye gukangurwa*!" (27) Barasenze cyane bageza ku mugoroba. Bageze aho bararuha, barazibukira.

Maze Eliya acukura uruhavu iruhande rw'igicaniro cy'Uwiteka yasannye maze igitambo n'inkwi byose abisukaho amazi birarengerwa. Maze asenga isengesho rikomeye ryo kwizera, ati: "*Uwiteka, Mana ya Aburahamu, na Isaka na Isirayeli, uyu munsi bimenyekane ko ari wowe Mana mu Bisirayeli kandi ko ndi umugaragu wawe, nkaba nkoze ibyo byose ku bw'ijambo ryawe. Nyumvira, Uwiteka nyumvira kugira ngo aba bantu bamenye ko ari wowe Mana, kandi ko ari wowe ugarura imitima yabo*." (1 Abami 18:36-37)

"*Uwo mwanya umuriro w'Uwiteka uramanuka, utwika igitambo cyoswa, n'inkwi n'amabuye n'umukungugu, ukamya amazi yari mu ruhavu yose. Maze abantu bose babibonye bikubita hasi bubamye baravuga ati "Uwiteka ni we Mana, Uwiteka ni we Mana*." (39) Mbega ububyutse! Maze abantu bafata abahanuzi 450 b'ibinyoma bose barabica. Uwo munsi, ku Musozi wa Karumeli wabaye isaha yo kurabagirana kwa Eliya.

Eliya ntagaragara cyane mu gice gikurikiraho. Umugore wa Ahabu witwaga Yezebeli, watangije kuramya Bayali muri Isirayeli yarakajwe n'uko Eliya yishe abahanuzi be. Maze amutera ubwoba ko azamwica. (19:2)Eliya wawundi utaratinyaga ahungira mu butayu, yicara munsi y'igiti yananiwe cyane, maze asaba Imana ngo yipfire. Yari ababaye cyane kandi yananiwe.

Kimwe mu bibazo Eliya yari afite ni ukuruha mu mubiri. Ahubwo, inyito nziza ya

1 Abami 19 yaba: "Uko wagira umunaniro wo mu marangamutima, wo mu mubiri no mu mwuka." Buhoro buhoro kandi yitonze. Imana yafashije umuhanuzi wayo mu buryo bufatika. Yabwiye Eliya ngo aryame,maze yohereza marayika wayo ngo amuzanire igunguro. Maze Imana iza kumusanga nyuma maze imubaza ikibazo cyiza iti: "*Urakora iki aho*?" (9,13)

Imana yari yigera ikubaza icyo kibazo? Ntabwo nzi aho uri mu buryo bw'umwuka. Wasanga Imana ishaka kukubaza, ikoresheje inkuru ya Eliya iti, "Urakora iki aho? Mbese waba uri aho Imana ikwifuriza kuba?"

Reka nongere nkwibutse ko ugomba gushaka ingero n'imburizi mu bitabo by'abami. Muri ibi bitabo usangamo imburizi zidasanzwe cyane cyane mu buzima bw'abami b'abanyabyaha. Kandi uzanasangamo ingero zikomeye zo mu buzima bw'abahanuzi bubahaga imana, cyane cyane abahanuzi nka Eliya, Elisa, n'umuhanuzi Mikaya.

Igice cya 2

Gukomera no Kugwa k'Ubwami

Dusoma 1 na 2 Abami, turimo kwiga ku gukomera no kugwa cyangwa gutsindwa k'ubwami bwashakagwa n'ubwoko bwa Isirayeli. Ubwo bwami bw'Abaheburayo bwageze mu bushorishori bwo gukomera n'ubwiza ubwo Salomo ari we wabuyoboraga. Ariko ntabwo byatinze, kuko Imana yari yaremeye ko bubaho ariko ntabwo bwaribwo bushake bw'Imana.

Mu 1 Abami tubona uko ubwami bwacitsemo kabiri. Mu 2 Abami, tubona uko ubwami bwo mu majyaruguru n'ubwo mu majyepfo bwasenyutse. Ubwami bwo mu majyaruguru, ubwami bwa Isirayeli, bwarimbuwe na Ashuri; maze ubwami bwo mu majyepfo, ubwami bwa Yuda, busenywa kandi bajyanwa mu bunyage muri Babuloni.

Iyo usomye neza ugasobanukirwa uko ubwami bwo mu majyaruguru bwasenyutse, ubona ko

kurimburwa no kujyanwa mu bunyage kwabo bitari byoroshye. Yerusalemu yasenywe inshuro mu gihe cy'imyaka makumyabiri. Inshuro ya mbere, Yehoyakimu yatanze umurwa maze aba umugaragu w'umwami w'i Babuloni kumara imyaka itatu. Nyuma aza kugomera no kurwanya ingabo z'Abanyababuloni, maze barongera basenya umurwa inshuro ya kabiri. Gusenywa kwa kabiri kwa Yerusalemu kwabayeho ubwo umuhungu wa Yehoyakimu witwaga Yehoyakini yatangaga umurwa, maze benshi mu bwoko bwa Isirayeli bakicwa. Abarokotse bajyanywe i Babuloni ari imbohe. Hanyuma Abanyababuloni bimika Zedekiya nk'umwami w'i Yerusalemu. Ingoma ye yamaze imyaka cumi. Ariko na Zedekiya aza kwigaragambya, maze umurwa wongera gusenywa ku nshuro ya gatatu. Uku niko kwari ugusenywa kwa nyuma kwa Yerusalemu. Umurwa wose warasenywe kandi uratwikwa.

Ariko turimo gusimbuka cyane. Reka dusubire mu minsi myiza, ubwo ubwami bwose- mbere yuko bucikamo kabiri bwayoborwaga n'umwami ukomeye cyane, w'umuunzi cyane, umwami Salomo.

Umurage Uvanze wa Salomo

Salomo yari ameze nka Sawuli kuko yagize itangiriro ryiza ariko ntiyasoza neza. Mbere, Dawidi agiha Salomo inshingano yo kuba umwami wa gatatu wa Isirayeli, byasaga nk'aho azatera ikirenge mu cya se. Yaciye bugufi asaba Imana ubwenge bwo kuyobora ubwoko bwayo. (1 Abami 3) Imana yashiishijwe cyane n'isengesho yasenze maze imusubiza imuha ubwenge, n'ubutunzi, n'icyubahiro cyinshi.

Salomo yabaye umutunzi n'umunyabwenge wa mbere wabayeho. Aba urugero rwiza iyo asabye Imana ubwenge n'iyo ari cyo cyifuzo cya mbere ashyize imbere y'Imana aho kuyisaba ubutunzi bwe wbite cyangwa inyungu ze bwite. Ariko, n'ubwo yahawe

ibyo byose, ubanza ari we muntu witwaye nabi cyane kandi utarakoze neza mu babayeho bose. Ibuka yuko: gucikamo kabiri k'ubwami, gusenyuka k'ubwami, no kujyanwa mu bunyage k'ubwami bitari ingaruka z'ibyaha bya Dawidi. Dawidi yihannye icyaha cye, maze Imana iramubabarira. Ibyago byose byagwiriye ubu bwami byatewe n'icyaha cya Salomo kandi byari ingaruka yo gukora nabi kwa Salomo.

Ubwo ubwami bwa Isirayeli, mbere yuko bucika kabiri bwageraga mu bihe byiza cyane, Salomo yateye Imana umugongo. Abagore magana arindwi ba Salomo n'inshoreke ze magana atatu, baramyaga ibigirwamana, maze na Salomo aherako atangira kubiramya.

Njya nemera yuko, n'ubwo byagenze bityo, Salomo yagarukiye Imana. Muri Zaburi 127, zaburi yanditswe na Salomo, yaravuze ati, "*Uwiteka iyo atari we wubaka inzu, abayubaka baba baruhira ubusa*." (1) Salomo yari umwubatsi ukomeye, ntabwo yubatse ingoro gusa, ahubwo yubatse n'imirwa, yubatse amato manini, yubaka n'ubusitani bunini bwinshi. Icyakora, muri zaburi yanditse, ntekereza ko arimo kutugaragariza isomo ryerekeye kumenya iby'ibanze. Ubutumwa bwa Salomo hano ni ubu: "Birashoboka ko umuntu yakora cyane ariko ntibigire icyo bitanga; wakora cyane ukorera ubusa, kandi birashoboka ko umuntu yakubaka aruhira ubusa, kandi birashoboka kuruhira ubusa kuko birashoboka ko umuntu akorana umwete, agakora kandi akubaka ibidakenewe. Inararibonye ntabwo ari we mwigisha gusa, ariko ni umwigisha wemeza cyane. Jya ubyaza umusaruro inararibonye. Ikintu cy'ingenzi cyane ukeneye kubaka mu buzima bwawe bwose ni ubuzima bw'umwana wawe."

Abana ba Salomo ntabwo babaye abana bazima. Umuhungu we wamusimbuye ku bwami yari ikigwari. Salomo yicujije kuba

yaramaze igihe kirekire cyane yubaka ibindi bintu byinshi uretse ubuzima bw'abana be. Zaburi 127 itwereka ko ibyo Salomo yibanzeho mu myaka ye y'ubukuru bitari bikwiriye.

Mu gitabo cy'Umubwiriza Salomo aduha ubutumwa bwagutse bwa Zaburi tumaze kuvuga. Umubwiriza ni ikibwiriza Salomo yabwirije urubyiruko yayoboraga mu bwami yayoboraga. Icyo kibwiriza ndetse na Zaburi ya 127 biduha impamvu ebyiri zituma twizera ko yihannye cyangwa yagize ububyutse bwo mu mwuka mu myaka ye ya nyuma yo ku isi.

Impamvu ya gatatu ituma nizera ko Salomo yagarukiye Imana ni uko iyo amateka ye asubiwemo mu 2 Ngoma, ntabwo tubona icyaha cya Dawidi ari cyo kibabarirwa gusa, ariko n'icya Salomo kirababarirwa. Ibi bivuze ko Salomo, kimwe na se, yatuye kandi yihana ibyaha bye.

Salomo agaragara mu bitabo by'ibyanditswe by'Amateka nk'imbuzi ikomeye cyane. Iyo usoma 1 Abami, ubona Salomo ari we mwami ugomba kwibandaho iyo ushaka ingero n'imbuzi.

Hezekiya yari umwami mwiza, ariko na none wangiritse

Hezekiya yari umwe mu bami ba nyuma bakomeye cyane ba Yuda (2 Abami 18-20)Yakuye kuramya ibigirwamana no guterekera byari byarashoye imizi mu gihugu cye, maze yizera Imana kandi yumvira Imana. Mu by'ukuri nta mwami wa Yuda mu babanjirije ndetse n'abaherukiye Hezekiya wari wegereye Imana cyane kurusha Hezekiya. Ubwo rero aduha urugero rwiza, ariko anaduha indi mbuzi.

Igihe Hezekiya yari arwaye, Imana yamutumyeho umuhanuzi Yesaya, imubwira kwitegura kuko yari agiye gupfa (20:1-11). Hezekiya yarahindukiye areba ku gikuta,

ararira, kandi asenga ngo Imana irinde ubugingo bwe. Hanyuma tugasoma ubu butumwa bwiza Imana yoherereje Hezekiya imutumyeho Yesaya iti: "Numvise gusenga kwawe mbona n'amarira yawe." (5) Imana ibona amarira. Ntekereza ko ibi ari ibintu bikomeye cyane. Maze Uwiteka yongera hezekiya imyaka cumi n'itanu yo kubaho. Uru ni urugero rwiza. Uyu mugabo yinginze Imana nubwo yari yabwiwe n'umuhanuzi Yesaya ko agiye gupfa, wari watumwe n'Imana.

Icyakora, Hezekiya yabaye imbuzi muri icyo gikorwa cy'igitangaza. Maze Abanyababuloni baza gusura Hezekiya, maze abereka intwaro n'ubutunzi bwose. Maze nyuma Yesaya aramubaza ati, "Mu rugo rwawe babonyemo iki? (15) Hezekiya arasubiza ati, "Byose". Yesaya amubwira ko ibyo byari amakosa menshi, kuko "*Igihe kizaza, ibiri mu rugo rwawe byose, n'ibyo ba sogokuruza babitse kugeza ubu, bizajyanwa i Babuloni. Nta kintu kizasigara, ni ko Uwiteka avuze*." (17) Yesaya avuga ibyo yavahanuraga gutsindwa kwa Yerusalemu itsindwa na Babuloni. Dushingiye ku buhanuzi bwa Yesaya, abahungu ba Hezekiya bajyaga kuzakonwa maze bakajyanwa mu bunyage bw'i Babuloni ari imbohe. (18)

Umwami yasubije iki? Yanejejwe n'uko ibyo byago byose atari we bizabaho. Yaratekereje ati, "none se si byiza, niba hazabaho amahoro n'iby'ukuri nkiriho?" (19) Yahitaga yemera Iajmbo ry'Uwiteka kuko yizeraga ko imyaka cumi n'itatu yo kubaho yongerewe aribwo izaba myiza. Asa nkaho atitaye ku bizaba ku bana be n'abuzukuru be. Kukwikunda kwa Hezekiya byatumye ataba umubyeyi w'intangarugero cyangwa w'ingeso nziza wakwigiraho uko waba umubyeyi mwiza. Biteye n'iyo mitekerereze, ubuzima bwe butubera imbuzi twebwe abari ababyeyi.

Urugero Rwiza Cyane rwa Elisa

Agatabo #4: I Abami- Esiteri

Tubona urundi rugero rwiza mu buzima bw'umuhanuzi Elisa. Mu 2 Abami 5, umugaba w'ingabo za Siriya yagiye kureba umuhanuzi kugira ngo amusengere akire indwara yari adwaye. Muri icyo gihe, Siriya yarimo kwitegura gutera ubwami bw'amajyaruguru bwa Isirayeli. Hari ugushyamirana kwari kwatangiye ku mipaka. Bari bafite igisirikare gikomeye cyane, ariko umugaba mukuru wabo, yari arwaye ibibembe. Umukobwa w'Umuheburayokazi wari umujakazi w'umugore wa Namani ababwira umuhanuzi wo muri Isirayeli, wakoreraga wari ufite imbaraga zo gukiza ibibembe. Nuko, Namani yurira ikigare cye ajyana na bamwe bo mu ngabo ze bajya kwa Elisa bamusanga mu kazu ke.

Namani yari afite imyumvire y'uko yamukiza. Uwo mugaba w'ingabo ukomeye yatekerezaga ko Elisa agomba gukora ibintu bidasanzwe. Ariko nta nubwo Elisa yasohotse mu kazu ken go amusuhuze. Ahubwo umuhanuzi yamutumyeho umugaragu we ati, *"Genda wiyuhagire muri Yorodani karindwi, umubiri uzasubira uko wari uri, nawe uzaba uhumanutse."* (10) Namani abyumvise ararakara cyane! Ahindukiza ikigare cye maze ava mu rugo rwa Elisa atumura umukungugu mwinshi, abwira abagaragu be ati, "Nari nzi ko aribusohoke akansuhuza maze akambaza izina ry'Uwiteka Imana ye, akandamburaho ikiganza cye maze akankiz aibibembe." (12) yavuze ko igihugu cye gifite imigezi myinshi myiza ku buryo yumvaga atakwiyuhagira muri ibyo bizi bibi bya Yorodani.

Ariko abagaragu ba Namani bamugira inama yo kumvira amabwiriza ya Elisa, maze ahindura imitekerereze ye maze yiyuhagira muri Yorodani inshuro ndwi. Arangije inshuro ya karindwi, ibibember bye birakira! Ntabwo byabaye nk'uko yabitekerezaga, ariko igisubizo cye cyabaye cyiza cyane kurusha uko

yabiteganyaga.

Ubutumwa dukura muri iyi nkuru ya Namani, ni uko ari ishusho nziza y'agakiza. Abagira inzara yo mu mwuka bose maze bagasanga Kristo kugira ngo abahe agakiza hari ibitekerezo by'ukuntu gukizwa kwabo byamera baba bafite mbere yuko bakizwa. Bamwe baba batekereza ko gukizwa kwabo ari igisubizo cya tewologiya. Abandi bavuga ko agakiza karamutse katagoye kukabona ndetse no gukizwa, ubwo ntabwo kaba ari agakiza kazima. Ibi bikunda gutekerezwa n'abantu bize cyane. Iyo bumvise koroha k'Ubutumwa bwiza, bagasanga butagoranye cyangwa butaruhije kubusobanukirwa, ntabwo babwizera. Ariko ubutumwa bwiza buroroshye, buroroshye cyane nko kwiyuhagira muri Yorodani inshuro ndwi, kandi nta wukenera ubuhanga budasanzwe kugira ngo abwakire. Elisa atubera urugero kuko atemeye ibyifuzo bya Namani, n'ubwo byari kumubera byiza iyo biba. Ubu nibwo butumwa bwa mbere dukura muri iyi nkuru ya Namani w'umubembe n'umuhanuzi Elisa.

Mbere yuko tuva muri ibi bitabo by'amateka bivuga ubwami bw'Imana, reka twongere tuvuge ku bahanuzi maze tugire ikintu cya nyuma tubaganiraho. Abahanuzi ntabwo bari abantu bavugaga ijambo ry'Imana gusa, ndetse n'abantu Imana yavugiragamo; ntabwo bari abagabo bahagararaga imbere y'Ijambo ry'Imana bagatuma rirabagirana; ahubwo bari abagabo bazamurwaga n'Imana iyo habaga ikibazo. Ndetse twanavuga ngo, "Nta kibazo , nta muhanuzi wabonekaga." Ariko iyo ikibazo cyagaragaraga, umuhanuzi yahitaga ahatunguka.

Urugero, igihe cyose iyo umurimo w'Imana wahuraga n'inzitizi, Imana yahitaga ihagurutsa umuhanuzi. Imwe mu nshingano z'umuhanuzi kwari ugushingira ikibwiriza cye kuri iyo nzitizi kugeza ubwo yakurwagaho maze umurimo w'Imana ugakomeza. Gukuraho ibibazo n'inzitizi

zakumiraga umurimo w'Imana niyo yari inshingano nkuru ndetse n'umurimo mukuru w'abahanuzi.

Mu ncamake, iyo usoma 2 Abami, ujye witegereza gukomera no kugwa k'ubwami. Wiga iby'ubu bwami, nibwo uzamenya icyo Imana ishaka gukoresha itorero ryayo uyu munsi. Hanyuma wite cyane ku bami ubwabo. Abenshi ubuzima bwabo butubera imburizi; bake muri bo nibo batubera ingero. Hanyuma ukurikire abahanuzi witonze, kuko akenshi baduha urugero rw'ubumana twakurikira.

Imyandikire ya 1 na 2 Abami irimo gusoma kwinshi; mu gusoma nk'uku, tuvuga ibintu rusange, tugerageza gusobanura ibi bitabo kugira ngo nubisoma ugire byinshi wungukamo. Dore ibindi bintu bikeye tubona mu bitabo by'abami.

Bimwe Mu Bintu Bya Nyuma Tubona Mu 1 na 2 Abami

Icya mbere, itegereze uko Imana yihanganiye cyane abami itashakaga ko bayobora Abisirayeli. Itegereze kwihangana kwayo gukomeye yihanganira abami b'abanyabyaha, cyane cyane abo mu bwami bwo mu Majyaruguru. Itegereze uko yinginze aba bami yihanganye cyane ikabihanizi mbere y'uko ibyago bikomeye cyane byo gutwarwa mu bunyage biba. Icya nyuma, itegereze ko Imana isubiza n'amasengesho y'abami b'abanyabyaha, bituma twibaza ibibazo bikomeye bya tewologiya. (2 Abami 13:4-5) Abantu benshi batekereza ko Imana isubiza amasengesho y'abizera gusa, abafiteanye nayo umubano. Ntabyo njya mbona mu byanditswe. Imana yumvise ndetse isubiza isengesho ry'umugambanyi. (Luka 18:10-14)Yesu yumvise ndetse asubiza isengesho ry'igisambo cyari ku musaraba (Luke 23:42, 43), kandi Imana yumvise ndetse isubiza amasengesho y'aba bami

b'ababnyabyaha. Muri iki gihe iyo umwana w'umuntu utubaha Imana akoze impanuka agakomereka, iyo uwo muntu asabye Imana kumukiriza umwana, mbese Imana yakumva ndetse igasubiza isengesho rye? Nemera ko yakumva ndetse igasubiza isengesho rya buri muntu, igihe cyose! Uko kuri kutugaragarizwa muri ibi bitabo by'abami.

Igice Cya 3

Ingoma "Ibintu Byakuwemo"

Incamake ya 1 na 2 Ingoma

Ibitabo bya Samweli n'Abami bivuga ibyabaye mu gihe kimwe, kimwe n'ibitabo bibikurikira ari byo, 1 na 2 Ingoma. Bivuga ibyabaye mu hagati y'umwaka wa 1000 mbere ya Kristo na 500 mbere ya Yesu. Ikurikiranya rya kera ry'ibitabo byo mu Isezerano rya Kera ryegereje ibitabo by'Ingoma icya Ezira na Nehemiya; Igiheburayo cyo mu Ngoma kirasa cyane n'icyo muri ibi bitabo abanditsi n'abasomyi benshi bavuga ko byose uko ari bitatu byanditswe na Ezira. Nyuma nibwo ibitabo by'Ingoma byaje kwegerezwa ibya Samweli n'Abami kuko ibyanditsemo byabereye igihe kimwe.

Impamvu zo Gusubiramo

Kuki Imana itubwira iby'iki gihe inshuro ebyiri? Hari ibisubizo byinshi bitandukanye. Igisubizo cya mbere, gusubiramo n'ibyo bituma abantu biga cyangwa bamenya. "Iyo udasubiyemo, ntabwo wigisha." Ni uko abigisha bavuga. Igisubizo cya kabiri, mu byanditswe, gusubiramo ntabwo bikorwa ku mapmvu yo kwigisha gusa, ahubwo binakorwa ku mpamvu yo gushimangira. Itegereze ibintu bisubirwamo mu byanditswe. Inkuru y'irema ivugwa inshuro ebyiri mu Itangiriro. Amategeko ya Mose yanditse mu Kuva asubirwamo mu Gutegeka kwa Kabiri. Inkuru y'inkomoko ya Yesu Kristo isubirwamo inshuro ennye mu Isezerano Rishya. Iki

gihe cy'amateka y'Abaheburayo muri ibi bitabo by'amateka gisubirwamo mu Ngoma.

Ni iki gishimangirwa mu Ngoma? Igisubizo cy'iki kibazo ni: Ubwami bw'Imana. Yesu yavuze ko Ubwami bw'Imana nibwo tugomba gushakisha mbere y'ibindi byose kandi bugomba kuba isengesho ryacu no kwinginga kandi nibwo tubona iyo tuvutse ubwa kabiri. (Matayo 6:33; Yohana 3:3,5) Nuko rero, itangiriro ry'ubu Bwami bw'Imana dusoma mu byanditswe by'ubwami ni ingenzi cyane. Imana irashaka ko dusobanukirwa ko ari Umwami, kandi irashaka ko tuba abayoboke b'Ubwami bwayo uyu munsi. Ni cyo gituma Imana isubiramo iki gihe cy'amateka.

Impamvu ya gatatu ituma habaho gusubiramo ni uko Imana ishaka ko tumenya ko ubwoko bwayo bwayanze nk'umwami wabo hanyuma ubu tukaba tukibana n'ingaruka z'uko kwanga Imana. Imana kandi irashaka ko tumenya uko kuyanga kuko kutumenyesha ukuri ko uyu munsi natwe twakwanga ko Imana itubera Umwami.

Ibihe

Igihe Ubwami bwo mu majyepfo bwajyanwaga mu bunyage muri Babuloni, igihe gishya cyitwa "Ibihe by'Abanyamahanga" cyaratangiye. Imana yashakaga kugira ubwami aho yo ubwayo iba Umwami maze abantu bakayibera abayoboke. Ariko ubwoko bwa Isirayeli banze iyo nteguro y'Imana, Imana yaravuze iti, "Niba ari uko mubigenjeje, mugiye kuzatatanira mu Banyamahanga," bisobanuye andi moko y'abatari Abayuda, abatarizeraga Imana." Uhereye ku kunyagwa no kujyanwa mu bunyage bw'i Babuloni, Imana ntabwo yongera gukoresha abami nka Dawidi, bakoraga ubushake bw'Imana bwose, ahubwo yakoresheje abami nka Nebukadineza na Kuro, bari abami batubahaga Imana. Ibi bitabo by'ubwami bitubwira ko imigambi y'Imana itananirana kuyisohoza kuko ubwoko

bwayo bwayoborwaga n'abami b'abapagani. Imana ikomeza gusohoza imigambi yayo ikoresheje abo bami. Kandi imigambi y'Imana ntihagarikwa n'uko twanze ko itubera Umwami.

Mu "bihe by'Abanyamahanga", Umwami bw'Imana buri muri buri muntu wizera wagize Imana Umwami we. Baturanye n'abatizera, ndetse kenshi mu bategekwa n'abatizera. Batatanye nk'umunyu mu batizera kugira ngo baryoshye isi. Ibi ntibivuze ko igihugu batuyemo ari igihugu cya Gikristo. Uhereye aho Abaheburayo bangiye iyi nteguro Imana yashakaga cyane (kuyoborwa n'Imana), nta gihugu na kimwe ku isi kiyoborwa n'Imana. Nta gihugu cya Gikirisitu kibaho. Ubwami bw'Imana buba mu mitima y'abantu (Luka 17:9, 10)

Impamvu ya kane yo gusubiramo mu Ngoma ni uko inkuru yose itari yavuzwe. Ezira yemeye ko abanditsi ba Samweli n'Abami baduhaye amateka y'icyo gihe mu byumvire yabo nk'abantu ariko umuntu yagombaga kuyaduha mu myumvire y'Imana. Ni cyo cyatumye yandika 1 na 2 Ingoma.

Ibintu byakuwemo

Nubwo amateka asubirwamo, ibitabo biratandukana cyane. Twamenya iby'iryo tandukaniro mu izina ry'Ingoma riri mu gitabo cyitwa Septuagint, ari ryo: "Ibintu byakuwemo." Iyi nyito ivuze ko hari ibintu byaretswe ubwo iby'iki gihe byandikwaga muri Samweli n'Abami kandi ko ibintu bimwe byari baynditse muri Samweli n'Abami, nk'ibyaha bya Dawidi na Salomo, bikurwa mu Ngoma.

Kurekwa cyangwa kwirengagizwa kw'icyaha cya Dawidi ni inkuru nziza. Ubutumwa dukuramo ni uko ibyaha byacu birekwa cyangwa byihorerwa iyo dusanze Imana kuko twizeye Yesu Kristo nk'agakiza kacu. Ni nayo mpamvu ituma icyaha cya Salomo kirekwa cyangwa kirengagizwa mu bintu

byiza Ezira atanditse mu Ngoma.

Muri iki gihe, iyo ikirori gicishijwe kuri Televiziyo, hari kamera nyinshi ziba zakoreshejwe kugira ngo zitange impande zitandukanye z'icyo kirori. Hari ukuntu ibitabo bya Samweli n'Abami bivuga iki gihe cy'amateka y'Ababeburayo birebeye muri kamera y'umuntu maze ibitabo by'Ingoma bikavuga iki gihe cy'amateka birebeye muri kamera y'Imana. Nk'uko twab tubikeka, bimwe mu "Bintu Byaretswe" mu bitabo by'Ingoma ni ibintu byiza cyane. Urugero, ubwami bwo mu majyaruguru ya Isirayeli, bwari ubwami bwakoraga ibyaha byinshi cyane, ntabwo bujya bwongera kuvugwa nyuma yo gucikamo kabiri k'ubwami. Kuki? Kuko Ingoma zishimangira inkomoko cyangwa inzu ya Dawidi n'ubwoko bwe bwa Yuda. Inkomoko ya Dawidi niyo ivugwa mu bitabo by'Ingoma kuko Mesiya yagombaga guturuka mu muryango wa Dawidi.

Ariko, ibitabo by'Ingoma bishyira ahagaragara abami bagize uruhare mu kuzana ububyutse, impinduka no kuzuka. Hari abami bo mu bwami bwo mu majyepfo bwa Yuda, nka Asafu, Yehoshafati, Yowasi, Hezekiya, na Yosiya, bagize uruhare mu ikorwa ry'ibintu byiza. Abami b'abanyabyaha cyangwa abami batagize icyiza bakora (abami bose b'ubwami bwo mu majyaruguru) ntabwo bajya bavugwa.

Urugero, Yosiya yakoze gahunda yo gusana ingoro. Muri icyo gihe, umutambyi witwaga Hilukiya abona imizingo y'ibyanditswe mu ngoro. Abantu bari barabaye abanyabyaha cyane ndetse barateye Imana umugongo ku buryo bari baribagiwe amategeko y'Imana. Hanyuma imizingo isomerwa umwami Yosiya wahise asobanukirwa ko amategeko y'Imana atarimo kuvmirwa, maze agarura igihugu ku musingi wo kumvira ijambo ry'Imana. (Soma 2 Ingoma 34)

Hari ukuntu Ingoma zisobanura ibitabo by'Abami. Ni cyo gituma duhora tubwirwa mu

Agatabo #4: I Abami- Esiteri

Abami ngo "Byanditse mu Ngoma, Byanditse mu Ngoma", kuko umwanditsi w'ibitabo by'Abami (Umwuka Wera) ashaka ko tumenya uko Imana ivuga cyangwa igaragaza buri mwami cyangwa buri gikorwa.

Itegereze Dawidi. Ubusobanuro Ingoma zitanga bw'icyatumye Dawidi atera imbere akagira n'intsinzi mu buryo bwa politiki ni uko yari yarahawe umugisha kugira aheshe umunezero ubwoko bw'Imana. Ingoma zitwereka uruhare rukomeye cyane Dawidi yagize kugira ngo igihugu kiramye Imana. Mu 1 Ingoma 15 na 23, hari ibyanditswe byiza cyane bitubwira uko Dawidi yateguye amakorali n'abaririmbyi. Yagiraga abacuranzi benshi ndetse na korali y'Abalewi, bose hamwe bari magana ane. Uruhare rwa Dawidi rushimangirwa mu Ingoma nubwo gukurwa cyangwa kudashyirwa mu bitabo bya Samweli kuko Imana irimo kutubwira uko kuramya kwacu kugomba kumera. Uko ishaka ko tubigenza.

Na none mu Ngoma duhabwa ubusobanuro bw'icyatumye Dawidi atemererwa kubakira Imana inzu. Ni uko yar'umunyantambara kandi yari yaramennye amaraso menshi(1 Ingoma 22:8-9) Ingoma nizo zisobanura icyatumye umwami mwiza nka Yehoshafati yifatanije n'umwami w'umunyabyaha cyane Ahabu. Bari bafite abuzukuru bamwe kuko abana babo bari barashakanye (2 Ingoma 18:1)

Isengesho ry'Ububyutse

Umwe mu mirongo y'ingenzi cyane mu Ngoma ni 2 Ingoma 7:14. Haravuga ngo:

"Maze abantu banjye bitiriwe izina ryanjye nibicisha bugufi bagasenga, bagashaka mu maso hanjye bagahindukira bakareka ingeso zabo mbi, nanjye nzumva ndi mu ijuru mbababarire igicumuro cyabo, mbakirize igihugu."

Agatabo #4: I Abami- Esiteri

Aha tuhabona ijambo riva mu rusengero rijya ibwami, riva mu buzima bw'idini rikajya mu buzima bwa politiki bw'igihugu, Imana y'amasezerano yahaye ubwoko bwayo. Imana iravuga iti, "Niteguye kubabarira, niteguye gukiza. Ariko mbere yuko mbabarira kandi nkakiza, hari inzira zo gukiranuka ngira ngo ubwoko bwanjye bubanze kunyuramo." Nemera ko iki cyanditswe tugomba kukizirikana. Mbere na mbere, umuntu ku giti cye, hanyuma mu gihugu cyose.

Urufunguzo rwo gusobanukirwa no kumenya itandukaniro no gusubiramo byo muri iki gihe cy'amateka y'Abaheburayo mu Ngoma ni: Inzira z'Imana zitandukanye n'izacu; imigambi ye siyo yacu. Hari itandukaniro rinini hagati y'uko dutekereza n'uko dukora, n'ukuntu twebwe dutekereza ndetse dukora, nk'uko ijuru ryitaruye ku isi (Yesaya 55:8-9) Niba ushaka kumenya uko Imana ikora ndetse itekereza, niba ushaka guhuza uko utekereza n'uko ukora ibintu n'ukuntu Imana itekereza ndetse igakora, soma Ingoma. Nusoma Ingoma uzabona ubutumwa budasanzwe bwerekeye indangagaciro n'imyumvire n'imikorere.

"Ibintu byakuwemo cyangwa byirengagijwe" ni inyito nziza y'ibitabo by'Ingoma. Ni inkuru nziza iyo dusobanukiwe ko ibyaha byacu byakurwaho cyangwa byakwirengagizwa n'Imana, nk'uko ibyaha bya Dawidi na Salomo byakuwe cyangwa bitashyizwe mu Ngoma. Ni n'ikintu gitangaje kumenya yuko Imana yakuyeho Ubwami bw'Amajyaruguru. Imana ntabwo yigeze ivuga ubwami bw'amajyaruguru kuko abaturage b'ubwo bwami bwo mu majyaruguru batahamagawe nk'uko umugambi w'Imana uri. Ni ibintu bibabaje gutekereza ko uko tubayeho uyu munsi Imana ibyirengagiza kandi bikazirengagizwa mu buzira herezo kuko tutigeze duhuza ibitekerezo byacu, inzira

zacu n'ubuzima bwacu n'ubushake n'inzira z'Imana.

Ndagusabira ngo igereranya ryawe ry'ibitabo by'Ingoma n'ibitabo bya Samweli n'Abami riguhigire kugereranya imyumvire n'imirebere y'Imana n'imyumvire n'imirebere y'abantu, atari mu gihe cy'amateka ahubwo no mu bihe turimo ndetse no mu bihe byawe bwite.

Igice cya 4

Ibitabo by'Ubutumwa Bwiza byo mu isezerano rya Kera

Muri iki gice, turatangira dusesengura mu ncamake, ibitabo bya Ezira na Nehemiya, ushyizeho n'icya Esiteri byitwa ibitabo by'amateka ya nyuma y'ubunyage. Ubunyage bwa Babuloni nibwo murongo watandukanije amateka y'Abaheburayo. Mu by'ukuri, nitwiga ku bita by'abahanuzi mu gihe kiri mbere, tuzabona ko ibitabo by'ubuhanuzi n'abahanuzi hari ibya mbere y'ubunyage, ibyo mu gihe cy'ubunyage, cyangwa abahanuzi ba nyuma y'ubunyage. Ezira, Nehemiya na Esiteri ni ibitabo byanditsemo amateka y'igihe nyuma y'ubunyage ubwo abahanuzi bandikaga, babwirizaga, babayeho ndetse bapfiriyeho.

Utangira gusoma Ezira, Nehemiya na Esiteri, ugomba gusobanukirwa ko kugaruka bava mu bunyage bw'i Babuloni byabaye byibuze mu byiciro bitatu. Kugaruka kwa mbere kwabaye umwami Kuro akimara kubemerera gusubira iwabo. Guverineri witwaga Zerubabeli n'umutambyi mukuru witwaga Yosuwa nibo bayoboye icyo cyiciro cya mbere cyo gutaha cyabaye mu mwaka wa 537 mbere ya Yesu. Uko kugaruka kwa mbere kwari kugamije gusana urusengero. Vuba uwo murimo ugitangira, abari baratashye baza kurangazwa no kurwanywa no gutotezwa, maze barekera aho kubaka kugeza ubwo abahanuzi Haggai na Zekariya babashishikarizaga

gusoza umurimo bari batangiye. Bitewe cyane cyane n'umurimo w'aba bahanuzi babiri, umurimo warakomeje, maze gusana urusengero bisozwa mu mwaka wa 516 mbere ya Yesu, byatwaye imyaka makumyabiri n'umwe.

Mu mwaka wa 458 mbere ya Yesu, Ezira yayoboye gutaha kwa kabiri. Uyu mutambyi n'umwanditsi udasanzwe yari umwigisha mwiza cyane w'ijambo ry'Imana. Ezira yatangije umurimo ukomeye cyane wo gusana urusengero. Ibyo byabaye hashize imyaka mirongo irindwi n'icyenda habaye gutaha kwa mbere, n'imyaka mirongo itanu n'umunani nyuma yo kubaka urusengero. Hashize imyaka cumi n'itatu Ezira yayoboye icyiciro cya gatatu. Intego ye kwari ugusana inkike y'i Yerusalemu. Umuhanuzi Malaki yafatanije na Nehemiya kubaka no gusana inkike.

Ibyanditse muri Ezira bikandikwa no muri Nehemiya

Igitabo cya Ezira n'icya Nehemiya byitwa "Ibitabo by'ubutumwa bwiza byo mu Isezerano rya Kera" kuko ibintu byinshi byanditse muri ibi bitabo byombi bisa. Reka turebe ibyo bintu bisa ibyo ari byo:

- Kuko Igiheburayo cyo mu bitabo byombi gisa, hari ubwo wasanga byaranditswe n'umwanditsi umwe, ari we Ezira.

- Insangamatsiko nyamukuru y'ibi bitabo byombi ni igikorwa kimwe cyo mu mateka y'Abaheburayo. Ni Ugutaha bava mu bunyage bw'i Babuloni. Indi Insanganyamatsiko y'ibi bitabo byombi ni umurimo w'Imana wakozwe igihe aba bagabo bombi bari bariho: umurimo wo kubaka no gusana ingoro cyangwa urusengero rw'i Yerusalemu.

- Ibitabo byombi bishimangira ibintu n'amahame agomba gukurikirwa kugira ngo umurimo ukorwa n'abantu ube umurimo w'Imana.

- Ibi bitabo byombi biduha ingero nziza z'ubuyobozi. Nubwo bitandukanye mu buryo bigaragaza imiyoborere ndetse n'impano zifite n'aba bagabo bombi, bombi babaye abakozi b'Imana bakomeye. Ezira yari umutambyi n'umwanditsi

wigishaga ijambo ry'Imana. Umurimo wa Ezira nyamukuru wari umurimo w'ubushumba. Nehemiya nk'umuntu usanzwe wakundaga Imana yari umwubatsi w'umunyabwenge.

- Bombi bayoboye abantu mu bubyutse kandi uwo wari umurimo w'Imana.

- Ibitabo byabo byombi bifite incamake zimwe, ari zo: ibice bya mbere bya buri gitabo bigaragaza umurimo ugomba gukorwa; kandi nyuma yo gukorwa, abantu baragwa bagatera Imana umugongo. Kandi Ezira 9 na Nehemiya 9 bigaragaza aba bayobozi bombi bababazwa n'imyitwarire y'abantu, babikora basenga batura, bihana ndetse bafite akababaro kenshi.

- Ibitabo byombi bigaragaza umwami w'umupagani atanga uruhushya, agaragaza impuhwe, kandi atanga ubufasha kugira ngo umurimo w'Imana ukorerwe mu bwoko bwayo.

- Ibi bitabo byombi birangira neza cyane bitanga icyizere gikomeye mu buryo bw'umwuka.

Inyigisho zidasanzwe ziri muri Ezira

Nubwo ibitabo bya Ezira na Nehemiya bisa, bifite ibintu bibitandukanya. Ngaho reka turusheho kumenya Ezira.

Nsesengura igitabo cya Ezira, ndagira ngo nibande kuri Ezira nk'umuntu. Ezira agomba gushyirwa mu cyiciro kimwe n'abagabo bakomeye nka Mose, Samweli, na Dawidi. Umurimo yakoze wose wari ugamije kuzana ububyutse bwo gukunda ijambo ry'Imana.

Muri Ezira 7:10, dusoma ko, "*Ezira yari yaramaramaje mu mutima gushaka amategeko y'Uwiteka ngo ayasohoze, kandi ngo yigishe mu bisirayeli amategeko n'amateka*." Uwo murongo usobanura ubuzima bwe, ubushyira mu bihe bitatu bitandukanye. Igihe cya mbere cy'ubuzima bwa Ezira cyari icyo gutegurira ibice bibiri bya nyuma by'ubuzima bwe. Yamaramarije mu mutima we gusoma, kwiga no kumenya ijambo ry'Imana, akarisoma ashishikaye. Mu gice cya kabiri cy'ubuzima bwe, yamaramarije gushyira mu bikorwa Ijambo ry'Imana, agakora icyo rivuga. Mu gice cya gatatu, ari cyo cya nyuma cy'ubuzima bwe, Ezira yamaramarije kwigisha Ijambo ry'Imana no kurera cyangwa

gutoza abandi mu nzira z'Uwiteka.

Ubu ni uburyo bwiza cyane umuntu yabaho ubuzima bwe. Ntekereza ko kimwe mu byo kwigisha uyu munsi ari uko dufite abantu bategura bakigisha, ariko bakigisha gusa mu magambo. Ntabwo bashobora kwigisha ibyo bakura mu bunararibonye bwinshi bafite. Umwigisha mwiza ni umuntu umara igice cya kabiri cy'ubuzima bwe ashyira mu bikorwa mu gice cya mbere cyo mu bice bitatu by'ubuzima bwe. Nyuma yo kugira inararibonye, icyiciro cya gatatu ari cyo cya nyuma cy'ubuzima bwe yagikoresha neza yigisha.

Iyo witegereje umusanzu cyangwa uruhare rwa Ezira ku murimo w'Imana, nibwo ubona igituma ashyirwa mu cyiciro kimwe na Dawidi, Samweli na Mose. Nk'uko nabivuze, bivugwa ko Ezira ari we wanditse w'ibitabo by'Ingoma, Ezira na Nehemiya, kandi niwe wanditse igice kirekire cyane cyo muri Bibiliya, Zaburi 119, ifite imirongo 176. Iki gice kimwe cyo muri Bibiliya ni kinini kuruta ibitabo byinshi byo muri Bibiliya. Muri iyo mirongo 176, buri murongo uvuga ibyanditswe cyangwa ijambo ry'Imana, uretse imirongo ibiri gusa. Ibi bikwereka ukuntu uyu mugabo yari amaramarije ijambo ry'Imana.

Ubusanzwe, abanyeshuri ba Bibiliya bemera ko igihe Ezira yari mu bunyage adashoboye gukora umurimo w'ubutambyi mu rusengero, yatangije icyitwa Isinagogi, ari cyo gisa na amateraniro yo kwiga ijambo ry'Imana, cyangwa Sande Sikuru. Kandi banemera ko Ezira yagize uruhare nyobozi mu itegurwa Isezerano rya Kera uko riri uyu munsi. Byiyongeye kuri uru ruhare yagize, yayoboye itsinda rya kabiri ry'abantu riva mu bunyage bw'i Babuloni. Ni Ezira watangije umurimo ukomeye wo kwigisha mu rusengero rwari rwarubatswe mbere yuko gutaha kwabo. Yatahukanye itsinda rinini ry'abatambyi n'abanditsi bafatanije nawe

kwigisha ijambo ry'Imana nyuma yo gutahuka.

Amahame n'ibintu biranga Umurimo w'Imana

Igitabo cya Ezira kiduha inyigisho zerekeye ku murimo w'Imana. Ni amahame kandi akaba ibintu biranga umurimo w'Imana. Ihame rya mbere ni iri: Iyo hari umurimo w'Imana ugomba gukorwa, Imana, ubwayo, niyo ifata iya mbere ikora uwo murimo (soma Abaroma 11:36)

Imana niyo soko y'uwo murimo, niyo mbaraga zikora uwo murimo, kandi icyubahiro cyayo niyo ntego y'uwo murimo. Dushingiye ku mirongo ya mbere yo muri iki gitabo, nemera ko ari uko Ezira yahaye ibanze umurimo.

Ihame rya kabiri twiga mu gitabo cya Ezira ni iki: Iyo Imana, ari yo ifata irya mbere mu murimo, ishaka gukorera umurimo wayo mu bantu, itanga amabwiriza neza iyaha umuntu ishaka gukoresha kugira ngo akore uwo murimo wayo.

Irya gatatu: Imana ari yo ifata iya mbere kandi igatanga amabwiriza inatanga ibikenerwa byose kugira ngo umurimo wayo ukorwe. Iri ni ihame ry'ingenzi cyane, rivugwa inshuro nyinshi mu byanditswe. Muri Matayo 6:33, Yesu yabwiye abigishwa ati, "*Ahubwo mubanze mushake ubwami bw'Imana no gukiranuka kwayo, ni bwo ibyo byose muzabyongererwa*." Iyo yuzi icyo Imana ishaka ko dukora, kandi iyo dukoze ibikwiriye imbere yayo, Imana iduha ibikenerwa byose kugira ngo umurimo wayo ukorwe.

Ihame rya kane ni iri:Iyo Imana ishaka gukora umurimo runaka, ntabwo itanga gusa ahubwo itanga byinshi cyane birenze ibyo dusaba, ndetse n'ibyo twatekereza gusaba (Soma Abefeso 3:20). Mu murimo wa Ezira abagarutse bahawe byinshi kugira ngo basoze akazi bahawe gukora; bari afite

byinshi cyane birenze ibyo bari bakeneye kugira ngo bubake urusengero cyangwa ingoro.

Ihame rya gatanu: Iyo ukora umurimo w'Imana, ugomba guhora uzi ko Satani arwanya icyiza cyane cy'Imana akoresha igisa n'icyiza. Umwanzi wacu agerageza kuturangaza kugira ngo tudakora icyiza cyane tugikorera Imana atwongorera ati, "Wowe kora icyiza gusa, ariko wikwigora ugerageza gukora umugambi mwiza cyane Imana ifite ku buzima bwawe."

Tuzarushaho kuganira kuri iri hame rya gatanu mu buryo bwimbitse, ndetse n'andi mahame mu gice gikurikiraho.

Igice cya 5

Imbaraga Zirwanga Umurimo w'Imana

Ihame rya gatanu twabonye muri Ezira ni iri: Iyo duhagurutse kugira ngo dukore umurimo w'Imana, imbaraga za sekibi zo muri iyi si ziraturanya. Tugomba kumenya imikorere ya Satani mu buryo bwimbiste kugira ngo dusobanukirwe icyo Ezira n'Abisirayeli bagarutse bahuye na byo.

Intumwa Pawulo adushishikariza gusobanukirwa imikorere ya Satani. (2 Abakorinto 2:11; 10:3-5; 11:13-15) Satani ni umunyabinyoma. Akunda kwigana no kubeshya. Arabizi ko umwanzi wa mbere w'icyiza cyane ari icyiza. Iyo Imana irimo kugukoresha, ubona ibyiza cyane by'Imana. Satani ntabwo ajya ashaka ko ubona ibyiza cyane by'Imana. Satani ni umunyabwenge cyane, arabizi ko atakurangaza ngo ureke gukora icyiza cyane cy'Imana agushukisha cyangwa akugerageresha kwiba banki. Icy akora ni ukukugerageresha gukora ikindi kintu cyiza. Niba utuye ahantu heza hakorohereza ubuzima kandi umugambi w'Imana mwiza ku buzima bwawe akaba ari ukugira ngo ube umu misiyoneri w'umuganga uvura abantu bakennye cyane ahantu hafite

ubuzima buruhije cyangwa bugoye.

Ihame rya gatandatu Ezira atugaragariza ryenda gusa ni irya gatanu. Riravuga ngo, ujye uhora witeguye kurwanywa nugerageza gukora umurimo w'Imana. Hari ubwo iyo abantu batangiye gukora umurimo w'Imana maze barwanywa bagashisikanya ku kuba baratumwe cyangwa barayobowe n'Imana cyangwa bagashidikanya niba basobanukiwe ubushake bw'Imana. Hari ukuntu bibeshya ko batazarwanywa cyangwa batazahura n'inkomyi mu gihe barimo gukora umurimo w'Imana. Ibyo ntabwo ari ukuri! Imana ikoresha abantu, kandi na Satani nawe akoresha abantu. Ubwo Satani arwanya buri kintu Yesu Kristo arimo gukora, tugomba kwitegura kurwanywa iyo Kristo arimo kudukoreramo cyangwa kudukoresha. Hari ubwo abantu bakurwanya batamenya ko ari abakozi cyangwa intumwa za Satani (Soma Mariko 8:27-33)

Igitabo cya Ezira kitubwira ko kurwanywa guturuka mu byerekezo bibiri. Icya mbere, hari ukurwanya guturuka hanze. Igihe cyose mu isi hazahora hari abantu batatwifuriza neza iyo twiyemeje tugahaguruka kugira ngo dukore umurimo w'Imana. Urugero, ubwo abanyage basubiraga i Yerusalemu kugira ngo bongere kubaka ingoro cyangwa urusengero, abaturage baho bagerageje kubaca intege no kubatera ubwoba. Bohereereje ubutumwa umwami bwari bwuzuyemo ibinyoma. Maze ubwoko bw'Imana butegekwa guhagarika imirimo yo kubaka. (Ezira 4) Na none, igitabo cya Nehemiya kivuga ko igihe bubakaga inkike, babaga bafashe igikoresho cyo kubakisha mu kuboko kumwe maze mu kundi kuboko bafashemo intwaro. (Nehemiya 4:17) Hari ukuntu bigaragara ko kurwanywa guturuka hanze koroshye kukwitwaramo neza kuko uko kurwanywa kuba kugaragara. Tuba dushoboye kukubona kandi tukakurwanya.

Agatabo #4: I Abami- Esiteri

Ubwoko bwa kabiri bwo kurwanywa buturuka imbere. Igihe abanyage bagarukaga I yerusalemu kugira ngo bubake urusengero, amoko y'abapagani babaga muri Yerusalemu na Yudaya icyo gihe begereye Zerubabeli na Yeshuwa maze barababwira bati, "*Nimureke twubakane kuko dushaka Imana yanyu, nk'uko namwe muyishaka, kandi twayitambiraga ibitambo uhereye ku ngoma ya Esarihadoni, umwami wa Ashūri watuzamuye akatuzana hano.*" (Ezira 4:2) Ariko Zerubabeli na Yeshuwa barabasubiza bati, "*Nta cyo duhuriyeho cyatuma mwubakira Imana yacu inzu, ahubwo ni twe ubwacu tuzubakira Uwiteka Imana ya Isirayeli, nk'uko Kuro umwami w'u Buperesi yadutegetse.*" *(3)* Zerubabeli na Yeshuwa bashyizeho ihame ryerekeye ku murimo w'Imana, rigira riti: Umurimo w'Imana ugomba gukorwa n'ubwoko bw'Imana. Dore ubundi buryo ibi byavugwamo:

Ni umugambi w'Imana
gukoresha imbaraga z'Imana
mu bwoko bw'Imana
gusohoza imigambi y'Imana
nk'uko umugambi w'Imana uri.

Umurimo w'Imana ugomba gukorwa n'ubwoko bw'Imana. Abatizera nta mugabane n'uruhare bawufiteho. Nemera ko imwe mu ntege nke z'itorero muri iki gihe zituruka mu kuba ari imbaga y'abantu bavanzemo abizera n'abatizera. Insengero nyinshi zishaka kugira ngo zizane abayobozi b'inzego z'ubutegetsi cyangwa za politiki mu itorero, abantu b'abanyacyubahiro, abanyamafaranga, abantu b'ibyamamare, kugira ngo bajye mu buyobozi bw'itorero, baba bakijijwe cyangwa badakijijwe. Ariko umurimo w'Imana ugomba gukorwa n'ubwoko bw'Imana, ntabwo ugomba gukorwa na buri muntu wumva ushaka kuwukora kuko yenda ari byiza gukora umurimo w'Imana cyangwa kuko ari ibintu bigezweho. Tekereza umuntu ukora umwuga aho biba ngombwa ko umenyana n'abantu benshi. Urugero, umuganga

w'amenyo udakijijwe cyangwa utizera Yesu ariko ukenye kumenyana n'imiryango ifite abana. Hari ubwo yacura umugambi wo kuba umuyobozi wa minisiteri y'abana mu itorero rinini kuko aba ashaka kugira ayo mahirwe yo kumenyana n'abo babyeyi. Ibi byaba ari ibintu byoroshye gukora kuko hafi buri torero cyangwa urusengero rwakwishimira kumwakira. Ariko kandi ibi byaba bihabanye ndetse byakwica ihame twiga muri Ezira ryerekeye ku murimo w'Imana.

Ihame rya karindwi ni iri: Imana ari ifata iya mbere mu gukora umurimo, ari yo itanga umurongo ngenderwaho, kandi ari yo itanga ibikenerwa byose kugira ngo uyu murimo ukorwe, itsinda buri kintu kirwanya umurimo wayo. Iri hame ryiza rigomba gusubizamo intege ndetse rigaha ibyiringiro abagaragu b'Imana bari ku isi hose barimo guhangana no kurwanywa.

Iyi Mana ya Ezira na Nehemiya ari yo Mana yacu ishoboye gutsinda kurwanywa k'umurimo wayo kose uyu munsi nk'uko yabigenjeje mu gihe cyabo. (Ezira 6:6-8) Ubutumwa bwari bwaroherejwe umwami Aritazeruzi buvuga ko Abayuda bari ubwoko bw'ibigande bari bafite amateka yo kugoma no kuganda kandi ko batagomba kwemererwa kubaka urusengero. (4:11-16) Ariko Umwami Dariyo yimye ingoma, ashakisha mu byanditswe, amenya ko Kuro yari yaratanze itegeko kandi atanga amabwiriza kugira ngo ingoro yubakwe. Maze arandika ati:

"Mureke umurimo w'iyo nzu y'Imana ukorwe, igisonga cy'Abayuda n'abakuru babo mubareke, abe ari bo bubaka iyo nzu y'Imana mu kibanza cyayo.

Kandi ntegetse itegeko ry'ibyo kubakisha iyo nzu y'Imana, mukwiriye gukorera abakuru b'Abayuda: mwende ku bintu by'umwami ni byo musoro w'abo hakurya y'uruzi, mugire umwete cyane wo guha abo

bagabo ibizatangwa, kugira ngo be kuzagira ikibabuza gukora." (6:7-8)

Imana yatsinze uko kurwanya. Ubushake bwayo n'umurimo wayo byarakozwe.

Ihame rya munani ni iri: Uko Imana ikora umurimo wayo mu bwoko bwayo, abapagani barebera barakizwa iyo bareba Imana irimo gukora. Iyo abantu babonye Imana irimo kudukoreramo, kandi bakaba bazi ko turi ibikoresho gusa bitashobora gukora uwo murimo tudakoreshejwe n'Imana, batangira kumenya ko ari Imana irimo gukora. Batangira gusobanukirwa ko Imana ari yo ikora, ari yo soko, ndetse n'imbaraga zituma ibyo ibintu byose birimo gukorwa n'ubwoko bwayo.

Uku niko abantu bakizwa iyo babonye umurimo w'Imana. Muri Ezira 6:21-22, dusoma ko bamwe mu bantu batizera bari barimuriwe muri Yuda bavuye mu mihango n'ibikorwa byabo by'ibyaha maze batangira kuramya Umwami Imana igihe Abayuda bose barimo kurya ifunguro rya Pasika. Ibi bitandukanye n'abatizera bashakaga gukora umurimo w'Imana ariko badakijijwe. Iyo abapagani bakijijwe, bashyirwa mu bwoko bw'Imana kandi baba babaye abantu Imana yakoreramo umurimo wayo muri iyi si.

Ubu tugeze ku ihame rya cyenda. Ni iri: Abantu bose bafite uruhare mu buyobozi bw'umurimo w'Imana basanga ko umurimo w'Imana uhishurwa mu ijambo ry'Imana. Hano Ezira atubera urugero. Ezira yari yaramaramarije mu mutima we gusoma Ijambo ry'Imana, gushyira Ijambo ry'Imana mu bikorwa cyangwa kumvira ijambo ry'Imana, no kwigisha muri Isirayeli amategeko y'Imana ahishurwa mu Ijambo ry'Imana. Yari umurimo w'Imana icyo ari cyo kuko yari azi Ijambo ry'Imana. Kandi umurimo Imana yashakaga ko Ezira akora kwari ugutangira umurimo wo kwigisha Ijambo ry'Imana muri urwo rusengero rwari rwamaze kubakwa.

Ihame rya cumi ni ihame ryiza cyane. Rigira riti: Iyo umurimo w'Imana ukozwe, igihe cyose Imana yemerera abantu kunanirwa no gutsindwa kugira ngo bigaragarire abandi bose ko imbaraga zakoraga uwo murimo zatangwaga n'Imana yonyine. Muri Ezira no muri Nehemiya, nyuma yaho umurimo ukomeye w'Imana ukozwe, abantu baraguye. Ubwoko bw'Imana bahugiye mu bikorwa n'imihango y'abapagani bari batuye muri icyo gihugu. Iki ni ikintu kibi kijya kiba ku buzima bw'abakozi b'Imana bakomeye benshi n'umurimo w'Imana. Wasanga Imana ishaka kutwereka n'isi yose ko ari yo soko y'umurimo wacu, atari twebwe abakozi bayo.

Hari indi mpamvu ituma ibi bijya biba, kandi iterwa na Satani. Ihame rya cumin a rimwe ni iri: Iyo Imana ikoreshe umuntu gukora umurimo wayo, Satani akunda gutesha agaciro umuntu Imana ikoresha gukora uwo murimo. Aya ni amahame yerekeye ku murimo w'Imana twiga mu gitabo cya Ezira. Mu ncamake, kandi ndangira ngo mbisubiremo ku mpamvu yo kubishimangira ko icyo Ezira arimo kutubwira ari iki:

Ni umugambi w'Imana
gukoresha imbaraga z'Imana
mu bwoko bw'Imana
gusohoza imigambi y'Imana
nk'uko umugambi w'Imana uri.

Mbese nawe waba uri mu bwoko bw'Imana? Waba uzi ko uri igikoresho cy'imbaraga z'Imana? Waba uzi ko intego y'imbaraga z'Imana mu buzima bwawe ari ukugira ngo umurimo Wayo ukorerwe muri wowe, nk'uko umugambi wayo uri cyangwa nk'uko yabigambiriye?

Igice cya 6
Ibiranga Umuyobozi

Aho igitabo cya Ezira kitwereka amahame atuma umurimo dukorera Imana uba umurimo w'Imana, igitabo cya Nehemiya cyibanda ku

muyobozi, umuntu, Imana ishaka kugira ngo ikore umurimo wayo mu bantu bayo. Nehemiya ubwe ni urugero rw'uwo muyobozi.

Igihe Nehemiya yari umuyobozi abantu bari bakeneye ububyutse. Abayuda benshi bari barashakanye n'amoko y'abapagani bari baturanye nabo, kandi byari binyuranye n'amategeko y'Imana. Umva uko Nehemiya yabacyashye:

"*Kandi muri iyo minsi mbona Abayuda bashatse abagore b'Abanyashidodikazi n'Abamonikazi n'Abamowabukazi. Kandi abana babo bavugaga ururimi rwabo baruvanga n'urw'Abanyashidodi, ntibabashe kuvuga Uruyuda ahubwo bakavuga ururimi rw'ishyanga ribonetse ryose. Maze ndabatonganya ndabavuma, ndetse bamwe muri bo ndabakubita mbapfura umusatsi mbarahiza Imana nti "Ntimugashyingirane na bo kandi namwe ntimukabarongoremo."* (Nehemiya 13:23-25)

Urabibona ko nehemiya yari afite imiyoborere itandukanye. Ntabwo abashumba benshi bayobora batyo, ariko Nehemiya yabikoze kuko ari byo ubwoko bw'Imana bwari bukeneye.

Twavuga ko Ezira yanditse cyangwa yakoze gahunda y'umurimo w'Imana, ariko Nehemiya niwe wari umwubatsi wakoze uwo murimo w'Imana wari washinzwe bombi. Nehemiya yari umuntu ushyira mu bikorwa. Yakundaga gusohoka agakora cyangwa agatuma umurimo w'Imana ukorwa. Aba bagabo bombi n'ingero nziza z'ubuyobozi, nubwo batandukanye.

Ubwo twegereje mu gitabo cya Nehemiya, tugomba gushaka amahame y'ubuyobozi, cyangwa ibintu Imana yamubonyemo byatumye imukoresha umurimo wayo. Igitabo cya Nehemiya nkita "Ibiranga Umuyobozi ukora Umurimo w'Imana."

Ikintu cya mbere cyaranze Nehemiya ni iki: **umutwaro w'umurimo Imana yashakaga gukora.**

Agatabo #4: I Abami- Esiteri

Kimwe mu bigaragaza ko Imana ishaka kugukoresha ni uko ugira umutwaro ukomeye w'uwo murimo. Iyo wumva ufite uwo mutwaro kandi ukawusengera, hari ubwo wasanga Imana ishaka ko uba igisubizo cy'iryo sengesho.

Ikintu cya kabiri cyaranze Nehemiya ni iki: umuntu wagombaga kuyobora cyangwa gukora umurimo w'Imana yagombaga kugira **ijambo riturutse ku Uwiteka ryerekeye kuri uwo murimo.** Muri Nehemiya 1:9, Nehemiya yibutse ijambo Imana yabwiye Mose rigira riti: Ariko nimungarukira mukitondera amategeko yanjye mukayasohoza, nubwo abirukanywe banyu bazaba ku mpera y'isi, nzabakurayo mbateranye mbazane aho nitoranirije nkahatuza izina ryanjye." Aho hantu hari Yerusalemu. Imana yashakaga ko Nehemiya asana inkike z'i Yerusalemu.

Ikintu cya gatatu kiranga umuntu Imana yakoresha umurimo ni **umwete wo gukora umurimo Imana ishaka gukora.** Umugabo cyangwa umugore Imana ishaka gukoresha umurimo ntagomba kugira umutwaro gusa ndetse n'ijambo riturutse ku Uwiteka, ahubwo agomba no kugira umwete wo kurangiza cyangwa gusohoza umurimo w'Imana. Umwete wa Nehemiya wo gukora umurimo w'Imana ugaragarira mu gushirika ubwoba ajya imbere y'umwami. Byari itegeko i Bumedi n'i Buperesi ko iyo wagaragazaga akababaro no kwijima imbere y'umwami, waricwaga. Ariko kandi muri Nehemiya 2, dusoma ko umwami yabajije Nehemiya ati, "*Ni iki gitumye ugaragaza umubabaro kandi kandi utarwaye*? (2) Nehemiya atubwira ko yatinye maze arasenga mu mutima we maze abwira umwami ibyari bimubabaje, ati: "*Umwami arakarama! Icyambuza kugaragaza umubabaro ni iki, ko umurwa n'ahantu h'ibituro by aba sogokuruza habaye amatongo, n'amarembo yaho akaba yarahiye*? Uwiteka yari kumwe na Nehemiya kuko umwami yamubajije ati, "*Hari icyo unsaba*? *Nuko nsaba Imana nyir'ijuru, maze nsubiza*

umwami nti "Niba umwami abikunze kandi umugaragu wawe nkakugiraho ubuhake, unyohereze i Buyuda mu murwa urimo ibituro by aba sogokuruza, mbone kuwubaka."

Umwami ntiyemeye gusa kumuha ibyo yamusabye ahubwo yamuhaye n'ibindi byose yari akeneye. Imana yahaye Nehemiya umugisha kub'umwete n'umuhati w'umurimo w'Imana yari afite. Ikintu cya kane kiranga umuyobozi w'umurimo w'Imana ni **iyerekwa ry'umurimo w'Imana.** "*Aho guhishurirwa kutari abantu bigira ibyigenge.*" (Imigani 29:18)Umuyobozi w'umurimo w'Imana agomba kugira iyerekwa kandi agomba kuribwira abandi. Ubwo Nehemiya yasubiraga I Yerusalemu, yarebye uko umurwa wari umeze mu ibanga kugeza ubwo yabonye amakuru yari akeneye. Arangije agirana inama n'abatambyi n'abatware arababwira ati, "*Nimuze twubake inkike y'i Yerusalemu tutagumya kuba igitutsi.*" (17) Amaze kumenya neza icyo bagomba gukora, yabwiye abandi.

Ikintu cya gatanu kiranga umukozi w'Imana ni **ugushyira abandi mu murimo.** Iyo umuyobozi ufite iyerekwa yahawe n'Imana aribwiye abandi, ubwoko bw'Imana bukurikira ubuyobozi bwe. Hari ubwo abayobozi bo mu mwuka bababazwa nuko abantu batabakurikira. Ariko bagomba ndetse natwe tugomba kumenya ko kutagira "abashaka gukurikira" bitanga ishusho mbi ku buyobozi bwacu, kuko kimwe mu bintu biranga umuyobozi wahamagawe n'Imana ari ugushobora gutuma abantu bamukurikira bagakorana umurimo w'Imana.

Ikintu cya gatandatu kiranga umuyobozi nyawe usizwe amavuta y'Imana ni **ukugira abarwanya umurimo.** Iyo utangiye gukora, cyane cyane gukora umurimo w'Imana, ugomba kwitegura kurwanywa no kuvugwa nabi, ndetse bituruka no mu bwoko bw'Imana.

Nehemiya nawe yari afite igihamya cy'abarwanyaga." (4:1-3)

Ikintu cya karindiw kiranga umukozi w'Imana ni **ubuzima bwo gusenga bushingiye ku murimo w'Imana.** Itegereze inshuro Nehemiya atubwira ko yasenze. Nehemiya yasenze abantu bamusetse bakanamusuzugura (4:4-5). Yasenze mbere yuko avugana n'umwami (2:4). Atwereka icyo bivuze gushyira mu bikorwa gukomezwa na Pawulo, aho Pawulo avuga ati, "*Musenge ubudasiba.*" (1 Abatesalonike 5:17) Ikintu cya munani kiranga umuyobozi wahamagawe n'Imana ni **ukubana n'abantu igihe bakora umurimo w'Imana.** Nehemiya yari kumwe n'abandi bose igihe bubakaga inkike.

Ikintu cya cyenda kiranga umuyobozi wahamagawe n'Imana ni **umujinya ukiranuka ugirirwa kurwanywa n'inzitizi z'umurimo w'imana.** Haba tandukaniro ki hagati y'umujinya ukiranuka n'uburakari? Iyo urakajwe n'uko hari umuntu cyangwa ikintu kikuzitiye kandi ukaba umaramarije gukora icyo ushaka, uwo mujinya ni icyaha. Ariko iyo urimo gukora umurimo w'Imana maze ukarakarira imbaraga z'ikuzimu zose zirimo kuzitira umurimo cyangwa ubushake bw'Imana, ubwo uburakari bwawe buba ari uburakair bukiranuka.

Urugero, igihe Yesu yasangaga abanyadini baragize inzu y'Imana iguriro n'isenga ry'abambuzi, yagaragaje umujinya ukiranuka. (Yohana 2:12-16) Umuyobozi w'umurimo w'Imana yarakara cyane, arakara mu buryo bukiranuka iyo uwo murimo urimo kuzitirwa cyangwa kurwanywa. Kandi Nehemiya yari umuyobozi uteye utyo.

Ikintu cya cumi kiranga umuyobozi wahamagawe n'Imana gukora umurimo wayo ni **ishyaka rikomeye ko gukora umurimo w'Imana.** Dore iyi irongo yo muri Nehemiya 4 uko ivuga: "*Uko ni ko twakoraga umurimo bamwe bagafata amacumu uhereye mu museke ukageza nimugoroba inyenyeri zigaragara.*

Icyo gihe mbwira abantu nti "Umuntu wese n''umugaragu we bajye barara muri Yerusalemu babe abarinzi bacu nijoro, kandi kumanywa bakore umurimo." Ubwo ntitwiyamburaga imyambaro yacu, jyewe cyangwa bene data cyangwa abagaragu banjye cyangwa abarinzi badukurikiraga, umuntu wese yajyaga ku mugezi afite intwaro ye y'intambara." (21-23) Uru ni urugero rwiza rw'ishyaka ry'umurimo w'Imana.

Ikintu cya cumi na kimwe kiranga umuyobozi wahamagawe n'Imana, **ni ukudakurwa ku ntego cyangwa kutava ku izima.** Kudakurwa ku ntego cyangwa kutava ku izima byaba byiza, uretse ko byanaba bibi. Biba bibi iyo twanze kumvira inama. Ariko kuba kwiza iyo kwanza kurangazwa cyangwa gukurwa ku murimo w'Imana. Ntabwo bashoboye gukura Nehemiya ku nkike yarimo kubaka. Abantu benshi bagerageje mu buryo bwinshi butandukanye kugira ngo bamuce intege cyangwa batume arekeraho gukora umurimo, ariko ntibashoboye kumurangaza ngo bamukure ku ntego ye kuko yari atakurwaga ku ntego yo kubaka umurimo w'Imana.

Ikintu cya cumin a kabiri kiranga umuyobozi wahamagawe n'Imana ni **ukugira ukwemera cyane ibyo yizera cyangwa akora.** Mu gice cya 5, Nehemiya amenye ko hari abantu barimo gutsikamira bene wabo babasaba inyugu, yabategetse kwemera kudashaka inyugu mu Bayuda bene wabo (1-13). Nehemiya yari umugabo wemeraga cyane ibyo yakoraga ndetse akagira umutima ukunda kugendera mu kuri n'uburinganire.

Ikintu cya cumi na gatatu kiranga umuyobozi wahagawe n'Imana ni **ibyiringiro bikomeye.** Nehemiya yari abizi ko arimo gukora umurimo w'Imana ukomeye kandi yari abizi neza ko Imana yamuhamagariye kuwukora. Ibi byahaye Nehemiya ibyiringiro bitazima arimo gukora umurimo Imana yari yamutumye gukora.

Ikintu cya cumi na kane kiranga umuyobozi wahamagawe n'Imana ni **ishyaka ritagira ubwoba**. Ishyaka ni ikintu cy'ingenzi cyane kiranga umuyobozi Imana yakoresha.

Ikintu cya cumin a gatanu kiranga umuyobozi wahagawe n'Imana ni **ukwihangana**. Mu Abaroma 5, Intumwa Pawulo asobanura uko kwihangana kuboneka. Aravuga ati, "*Kuko tuzi yuko amakuba atera kwihangana, kandi kwihangana kugatera kunesha ibitugerageza, uko kunesha kugatera ibyiringiro. Bene ibyo byiringiro ntibikoza isoni, kuko urukundo rw'Imana rwasabye mu mitima yacu ku bw'Umwuka Wera twahawe.*" (3-5) Kwihangana ni ugukomeza gukora ntiwemere gucika intege niyo watotezwa, ugakomeza.

Ikintu cya cumin a gatandatu kiranga umuyobozi wahamagawe n'Imana ni ukugira ubumenyi bwo gutunganya cyangwa gushyira ibintu ku murongo. Ibyanditswe bitanga uburyo busobanutse bwo gukora umurimo w'Imana mu rusengero. (1 Abakorinto 12:28, cyane cyane, impano zo gufasha no gutwara) Muri Nehemiya 7, Nehemiya yatoranije Abalewi, abatware n'abakumirizi. Yananditse abantu abandikira mu miryango. Uku ni ugukorera ibintu ku murongo!

Ikintu cya cumi na karindwi kiranga umuyobozi wahamagawe n'Imana ni **ukwibanda ku bintu by'ibanze**. Itegereze ibyari iby'ibanze kuri Nehemiya mu gice cya 10. Yatumye abantu bemera ko batazemerera abana babo gushakana n'abanyamahanga, ko batazakora ku Isabato, kandi ko batazajya bahinga ubutaka ku mwaka wa karindwi. Yabategetse kujya batanga umusoro wakawushyira mu rusengero, kugira ngo bahe Imana buri gice cya mbere cy'imyaka yabo yose, batange imfura mu bana babo n'imfura y'amatungo yabo. Ubwoko bw'Imana busezeranya Nehemiya ko bazajya baha Imana icya kimwe mu icumi cya buri kintu. Nehemiya yari azi neza iby'ibanze ibyo ari

byo, maze afasha abantu kwemeranya nawe ku by'ibanze bye.

Ikintu cya cumi n'umunani kiranga umuyobozi wahamagawe n'Imana ni **ukuyoborana inkoni y'umushumba.** Kimwe nk'umushumba mwiza abigenza, umuyobozi nawe akoresha inkoni ye kuyobora no guhana ubwoko bw'Imana. Nkuko umubyeyi mwiza abigenza, umuyobozi agomba gukunda cyane abantu ayoboye kuburyo abahana.

Ikintu cya cumi n'icyenda ni uko umuyobozi **agumana ubumuntu bwe**. Umuyobozi ni umuntu kandi arabizi. Ntabwo amenya ubumuntu bwe gusa ahubwo amenya ko n'abantu ayoboye aria bantu.

Icya nyuma, Nehemiya atwereka ikintu cya cumi n'icyenda kiranga umuyobozi wahamagawe n'Imana, ari cyo, kurangiza umurimo Imana yagushinze gukora kubw'icyubahiro cy'Imana. Nehemiya yasoje kubaka inkike kubw'icyubahiro cy'Imana! Ntabwo tugomba kutabona umurongo usorezwaho igihe turimo gukora umurimo Imana ishaka kudukoresha. Umuyobozi wahamagawe n'Imana ni umuntu ushobora kuvuga nkuko Yesu yavuze ati, "*Nkubahishije mu isi, kuko narangije umurimo wampaye gukora*." (Yohana 17:4)

Igice Cya 7

Ngaho Fora Uribuze Gusangira Natwe Ifunguro Rya Nimugoroba!

Isezerano rya Kera rivuga gucungurwa k'uburyo bune k'ubwoko bw'Imana. Gucungurwa kwa mbere kugaragarira muri Yozefu wakijije ubwoko bw'Ababaheburayo inzara n'urupfu. Gucungurwa kwa kabiri ni Ukuva, Isirayeli ikurwa mu bucakara n'uburetwa bwa Misiri. Gucungurwa kwa gatatu ni igihe Abayuda batahaga bava mu bunyage bw'i Babuloni. Gucungurwa kwa kane kwanditswe mu gitabo cya Esiteri.

Igitabo cya Rusi n'icya Esiteri byanditsemo inkuru z'abagore bakomeye

bagize uruhare rukomeye cyane mu murimo w'Imana. Igitabo cya Rusi kivuga umugore w'Umunyamahanga washakanye n'umugabo w'Umuyuda maze bituma ajya mu gisekuruza cya Yesu. Igitabo cya Esiteri kivuga inkuru y'umugore w'Umuheburayo washakanye n'umugabo w'Umunyamahanga maze akiza Abayuda genocide, abungabunga gahunda y'Imana y'aho Mesiya yagombaga guturuka. Ubwo igitabo cya Esiteri kimeze nk'inkinamico, reka mbahe isesengura ryanjye ry'igitabo cya Esiteri nkaho ari inkinamico.

Igice cya mbere
Imigambi y'Abantu

Sene ya 1: Ikirori cy'i Buperesi

Byari mu mwaka wa 482 mbere ya Kristo, kandi ibi birori cyabereye mu Ubuperesi n'Ubumedi bwari bugizwe n'intara 127, ari zo zari zigize ubwami bw'Abaperesi. Umuntu ugaragara mbere ni umwamikazi wirukanwa, Umwamikazi Vashiti. Umutware yari Umwami Ahasuwerusi. Ibi birori byamaze amezi atandatu n'icyumweru kimwe, kandi kunywa kwagenze nk'uko byagenwe. Ikintu kimwe cyari icyitonderwa ni uko ari nta muntu wagombaga kunywa birenze ibyo ashaka kunywa. (Esiteri 1:8)

Umwamikazi Vashiti yateguriye abagore ukwabo. Ariko ikibazo cyabaye ubwo yahamagarwaga n'umutware we wari umwami kugira ngo aze agaragaze ubwiza bwe imbere y'abagabo bari bamaze amezi atandatu n'icyumweru kimwe banywa. Ngira ngo impamvu yatumye yanga urayibona. Ikibabaje ni uko Umwami Ahasuwerusi atayisobanukiwe na mba.

Sene 2: Kwirukanwa k'Umwamikazi Vashiti.

Abatware b'Umwami Ahasuwerusi bagiriye inama umwami warakaye ko imyitwarire y'Umwamikazi Vashiti itakomerekeje umwami gusa ahubwo na buri mugabo wo muri ubwo bwami. Kuko yanze kumwumvira, n'abagore

bandi bose bazanga kumvira no kubaha abagabo babo. Nuko maze basaba umwami gusenda Vashiti maze ashake undi, umurusha ingeso nziza. Maze abandi bagore nibabona ibibaye kuri Vashiti, bazubaha abagabo babo. (16-20)

Umwami Ahasuwerusi n'abatware bose bumva iyi ari inama nzima, maze akurikiza inama yabo maze yohereza inzandiko mu ntara 127 zose mu ndimi zabo kavukire, avuga ko buri mugabo ajya ategeka urugo rwe. (21-22)

Sene 3: Nyampinga w'Umuperesi

Gutoranya undi mwamikazi, nyampinga byakozwe mu bwami bwose. Icyakora, uyu nyampinga ntabwo yari asanzwe: abakobwa beza bose bo mu bwami bwose bagomba kuzanwa mu nzu y'abagore ibwami. Maze umwami akaryamana na buri umwe muri bo kugira ngo ahitemo uwakunze kuruta abandi kugira ngo amubere umwamikazi mushya. (2:2-4a) Reka mvuge mu buryo bworoheje icyo umwami yakoze, "Iyi nama ishimisha umwami maze ayishyira mu bikorwa uwo mwanya." (4b)

Aya marushanwa ya nyampinga bwari uburyo bubi cyane bukandamiza abagore kugira ngo bajye mu nzu y'umwami yo gusambanirizwamo. Umubano umwami yagiranaga n'abagore benshi mu nzu ye ntabwo wari umeze nk'umubano umugabo agirana n'umugore we. Buri mwami wo hambere cyangwa wo muri icyo gihe, nk'umwami Ahasuwerusi yagiraga inzu ebyiri yasambanyirizagamo abagore, twakwita iya mbere n'iya kabiri. Iyo aba bagore bafatwaga bagakurwa mu bwami bw'Abaperesi bwose, bashyirwaga mu nzu ya kabiri, aho bitabwagaho kumara imwaka umwe. Nyuma y'uwo mwaka bagahamagarwa n'umwami kugira ngo bararane mu nzu ya mbere. Bwacya bagasubizwa mu nzu ya kabiri, aho bagumaga igihe cyose, babonana n'umwami gusa igihe yabaga abashaka akongera kubahamagaza. Umwami yahoraga yasinze ku buryo atibukaga ko umugore runaka yararanye nawe. Mu

myumvire y'uwo mwami, intego y'ubuzima bw'uwo mugore yari iryo joro rimwe gusa yararanaga n'umwami, umwami tashoboraga no kwibuka.

Undi muntu tubona mu gitabo cya Esiteri ni Moridekayi, umunyage w'Umuyuda na mubyara we mwiza cyane, witwaga Esiteri, uwo yari yarareze uhereye agipfusha ababyeyi be. Esiteri yari mwiza cyane, maze nawe ahatwa gushyirwa mu marushanwa y'umwami ya ba nyampinga. Moridekayi yari yategetse Esiteri kutagira uwo abwira ko ari Umuyuda. Iryo banga ryaje kuba igikorwa cy'ingenzi muri gahunda yo kugira neza kw'Imana mu buzima bwa Esiteri.

Esiteri ahamagawe ngo ararane n'umwami Ahasuwerusi, yaramushimishije maze umwami amugira umwamikazi w'ubwami bw'Abamedi n'Abaperesi. Ubwo Imana iba ishyize umukobwa muto w'Umuyuda ku ntebe y'ubwami bwari bukomeye cyane mu isi yose icyo gihe. Nyuma y'igihe runaka, undi mwami, wo Esiteri yari abereye muka se, niwe waje guha Nehemiya uruhusa rwo gusubira iwabo akubaka inkike y'i Yerusalemu.

Igihe kimwe Moridekayi yicaye ku irembo ry'umwami yumva abagabo babiri bajya inama yo kwica umwami. Maze Moridekayi abibwra Umwamikazi Esiteri, nawe abibwira umwami. Maze umwami akira urwo rupfu, maze ba bagambanyi bombi baricwa. Maze kugira neza kwa Moridekayi kwandikwa mu nyandiko z'umwami, ariko ntibyibutswa umwami ngo amugororere. Iki gikorwa na cyo bizagaragara ko cyabereye igihe gikwiriye kigaragaza kugira neza ku Imana muri iyi nkuru ishamaje.

Sene 4: Kurimbuka Ko Mu Ubuperesi

Hano tuhabona umunyacyaha wo muri iyi nkinamico yacu, ari we, wari umugabo w'umugome cyane witwaga Hamani, wari umwe mu batware b'umwami. Arimo kugendagenda,

ategeka ko buri muntu amwubamira. Abantu bose barabikoze, uretse Moridekayi, utarashoboraga kwica itegeko ry'Imana ryo kubamira Imana gusa (Kuva 20:3-4)

Hamani yasabiranywe n'uburakari maze ahigira ko atazarimbura Moridekayi gusa ahubwo n'ubwoko bwe bwose. (Esiteri 3:5-6) Yinginga umwami ngo atanga itegeko ko Abayuda bose bo mu bwami bw'Abaperesi bazicwa kuri 28 z'ukwezi kwa kabiri k'umwaka utaha (7-11) Maze we n'umwami baraguza inzuzi kugira ngo bamenye uwo munsi. Mu rurimi rw'Ibuperesi, ijambo kuraguza inzuzi ni ijambo "Pur". Ikirori cy'Abayuda cyitwa Purim, kikizihizwa n'uyu munsi, gikura izina rya cyo muri iki gikorwa cyari kigamije gutsemba Abayuda burundu.

Moridekayi amenye iby'iryo tegeko ryo kwicwa kw'Abayuda, ashishimura imyenda ye, yambara ibigunira kandi yisiga ivu, maze ajya mu murwa wose aboroga kandi ataka n'ijwi rirenga (4:1). Abayuda bari mu ntara 127 z'ubwami bw'Abamedi n'Abaperesi bose bariyiriza, baraboroga buzuye agahinda kenshi.

Esiteri yumvise ko Moridekayi arimo kuboroga no gutakambira Imana yambaye ibigunira, amutumaho kugira ngo amenye uko byagenze. Maze Moridekayi aramusubiza, amutumaho kugira ngo yinginge umwami amwingingira ubwoko bw'Abayuda bari batuye mu bwami bw'Abaperesi bose. Maze Esiteri yongera kumutumaho, aramusubiza ati, kubonana n'umwami ataguhamagaye hari ubwo byamutera no kumwica, cyeretse aramutse amutunze inkoni ye, kandi yari amaze ukwezi kose atamuhamagara (4:11). Maze Moridekayi aha intumwa ubutumwa bwiza cyane bwo gushyira Esiteri, bugira buti: "*We kwibwira yuko ari wowe wenyine uzakira mu Bayuda bose kuko uri mu nzu y'umwami, kuko niwicecekera rwose muri iki gihe, nta kizabuza Abayuda gutabarwa bakoroherwa*

biturutse ku bandi, ariko wowe n'ab'inzu ya so bazarimbuka. Ahari aho icyakwimitse ngo ube umwamikazi, ni ukugira ngo ugire akamaro mu gihe gisa n'iki." (13-14)

Maze Esiteri asaba Moridekayi guteranya Abayuda bose kwiyiriza bakamusengera, kandi nawe akiyiriza agasenga. Ibi birangiye aramubwira ati, "*Nzasanga umwami nirengagije itegeko, kandi niba nzarimbuka nzarimbuke.*" (16)

Esiteri agiye imbere y'umwami Ahasuwerusi, umwami yamutunze inkoni yishimye maze amusezeranya ko aribumuhe icyo amusaba cyose, niyo byaba ari icya kabiri cy'ubwami bwe. (5:1-3)Maze Esiteri atumira umwami ndetse na Hamani mu birori. Na none umwami yongera kumubaza icyo ashaka, ariko yongera kubatumira we na Hamani mu bindi birori bukeye bwaho, amubwira ko ari bwo aribumubwire icyo ashaka (6-8).

Hamani ashimishwa n'uko yatoranijwe mu bandi akaba ari we utumirwa gusangira n'umwami n'umwamikazi bonyine. Ariko gusuzugurwa na Moridekayi bikomeza kumurakaza. Ageze mu rugo avuye gusangira n'umwami n'umwamikazi ku munsi wa mbere, ababwira umujinya afitiye Moridekayi. Inshuti ze n'umuryango we bamugira inama yo kubaza ibiti bimeze nk'umusaraba maze azinduke kare cyane umunsi ukurikiyeho maze asabe umwami ko bamanika Moridekayi (14). Made Hamani abajisha umusaraba iryo joro.

Igice Cya 2

Ubuntu bw'Imana

Sene 1: Ijoro Yabuze Ibitotsi

Mu gice cya 6, ubuntu bw'Imana niyo ngingo nyamukuru y'igitabo cya Esiteri. Mu mikorere y'Imana, iryo joro nyuma y'ibirori bya mbere umwami asangira na Esiteri na Hamani, umwami ntiyigeze asinzira. Asaba ko bamusomera ibyo

yandikishije. Uwabisomaga amusomera inkuru y'ukuntu Moridekayi yari yaratahuye ndetse akavuga ukuntu hari umugambi wo gushimuta umwami maze akiza ubugingo bw'umwami. Maze umwami amenye uko Moridekayi ytumye aticwa cyangwa adashimutwa, abaza niba Moridekayi yaragororewe kubw'icyo gikorwa cyiza yakoze. Amenye ko Moridekayi atigeze agororerwa, abaza niba hari umuntu wari waza mu kazi muri icyo gitondo. Maze umugaragu we amubwira ko Hamani yazindukiye mu kazi.

Sene 2: Ameza Yubikwa

Kugira ngo yubahishe Moridekayi, umwami Ahasuwerusi ahamagara Hamani wari wazanywe mu bikari by'umwami no gusaba ko yamanika Moridekayi akamwica maze ahageze umwami aramubaza ati, "*Umuntu umwami akunze kubaha yagirirwa ate? Hamani aribwira ati, hari uwo umwami yakunda kubaha kunduta?* Maze acura umugambi mugari. Aramubwira ati, "*Uwo umwami akunze kubaha, bazane imyambaro y'umwami ajya yambara, n'ifarashi umwami ajya agenderaho itamirijwe ikamba ry'ubwami. Maze iyo myambaro n'iyo farashi babihe umwe wo mu batware b'ubwami barusha abandi gukomera, bayambike uwo muntu umwami akunze kubaha, bamugendeshe mu nzira yo mu murwa ahetswe n'iyo farashi, barangurure imbere ye bati 'Uko ni ko bazajya bagenza umuntu umwami akunze kubaha!'*" Maze umwami aramubwira ati, "*Huta ujyende ubikorere Moridekayi*". (10) Aramwumvira, maze ajya mu rugo afite ubwoba, maze yongera gutumirwa ku birori bya kabiri byateguwe na Esiteri.

Bari mu birori, umwami arongera abaza Esiteri icyo asaba. Esiteri aramusubiza ati ngusabye ko unkiza ndetse ugakiza n'ubugingo bw'ubwoko bwacu. (7:3-4)Maze umwami abarabaza ati, "*Ni nde uhangaye kwigira iyo nama, kandi ari he? Esiteri aramusubiza ati, 'Umwanzi wacu uturenganya ni uyu mugome Hamani."*

Hamani amenya ko kamubaye agiye kwicwa. Umwami ahagurukana uburakari ava mu nkera cyangwa mu birori. Kugira ngo yingingire ubugingo bwe Hamani yikubise ku gisasiro aho Esiteri yari ari. Umwami agarutse, abona Hamani ku gisasiro cya Esiteri maze aravuga ati, "*Mbese agiye gufata umwamikazi mu nzu aho ndora*?" (8) Ndamugenza nte? Umwe mu ngabo z'umwami abwira umwami iby'igiti Hamani yamanitse mu rugo rwe kugira ngo amanikeho Moridekayi. Maze umwami arategeka ati, "*Abe ari cyo mumumanikaho*." (9-10)

Sene 3: Itegeko Ryo Kubohorwa

Abayuda bari batuye mu Buperesi bari bagifite ikibazo. Hari haratanzwe itegeko ryo kurimburwa. Ubwo amtegeko y'Abamedi n'Abaperesi atahindukaga, umwami Ahasuwerusi, na Esiteri na Moridekayi banditse itegeko rya kabiri ryemerera Abayuda kwirwanaho bakica abanzi babo ku munsi wo kuwa 28 Gashyantare (Igice cya 8) Icyo gihe byari mu kwezi kwa karindwi, maze mu gihe cy'amezi atandatu inzandiko z'umwami zari aimaze kugera mu bwami hose harimo inkuru nziza igira iti: Iri n'itegeko ryo gukiza Abayuda bose baciriweho iteka ryo kwicwa. Iryo tegeko ry'ubugingo cyangwa ryo gucungurwa ryakijije ubugingo bw'Abayuda bose.

Ubutumwa Dukuramo

Ubutumwa dukura muri iki gitabo cya Esiteri twashyira mu bikorwa mu buzima bwacu ni ubuhe? Ubutumwa bwa mbere na mbere dukuramo ni uko tugomba kwamamaza ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo bw'ubugingo tukabubwira abantu baciriweho iteka ry'urupfu.

Ubutumwa bwa kabiri ni uko twaturiza mu isohozwa ry'amasezerano y'Imana. Igitabo cya Esiteri kitugaragariza ishozwa

ry'isezerano ry'Imana yagiranye na Aburahamu ryo guha umugisha abazamuha umugisha bose no kuvuma uzamuvuma (Itangiriro 12:3)

Ubutumwa bwa gatatu, imbusane y'Itegeko Rikuru igaragaramo. Gupfa kwa Hamani ni urugero rubi rw'Itegeko Rikuru: Ntugakorere bugenzi wawe ibyo udashaka ko agukorera cyangwa ukorerwa. "Jya ukorera abandi icyo ushaka ko bagukorera."

Ubwa kane, kwitabwaho n'Imana bikorerwa abayikunda kandi bakayubaha. Intumwa Pawulo yabivuze gutya: "*Kandi tuzi yuko ku bakunda Imana byose bifatanirira hamwe kubazanira ibyiza, ari bo bahamagawe nk'uko yabigambiriye.*" (Abaroma 8:28) Nubwo Esiteri yahaswe kujya muri icyo gikorwa kibi cya nyampinga, Imana na none niyo yari irimu kuyobora ubugingo bwe, ibikorere kugira neza kwayo, byaje kuba intandaro yo gucungurwa kwa kane kw'Abayuda bakizwa genoside.

Gukora kw'Imana mu mibereho yanjye nawe ni bumwe mu butumwa bw'ingenzi cyane bwo mu gitabo cya Esiteri. Ese wemera ko Imana iri hejuru y'imibereho yawe? Hari ibisabwa kugira ngo iri sezerano risohore mu buzima bwawe. Nudakunda Imana ntukurikire amasezerano yayo n'imigambi yayo, ntabwo izatuma ibintu byose bikuzanira ibyiza. Ariko nukunda Imana, kandi ukagaragaza urukundo uyikunda uhamagarwa nk'uko ubushake bwayo buri n'uko inzira zayo ziri, ubwo nibwo wamenya ko ibyakubaho byose byagirirwa byiza. Ibyiza byayo ari na byo byiza byawe.